


RGB
Rwanda Governance Board

# RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2022-2023

# GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2023-2024

Nzeri 2023

www.rgb.rw @GovernanceRw info@rgb.rw
Rwanda Governance Board-RGB RGB Rwanda

# URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

## RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2022-2023

## GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2023-2024

# IJAMBO RY'IBANZE

Mu izina ry'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) no mu izina ryanjye bwite, nejejwe no kubagezaho raporo y'ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023 na gahunda y'ibikorwa by'umwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024. Nk'uko biteganywa n'itegeko, RGB igomba gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe Yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe. Ni muri urwo rwego RGB itanze iyi raporo ku nshuro ya karindwi.

Iyi raporo igaragaza uko Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwashyize mu bikorwa ibyari biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023, ikanerekana ibibazo bikeneye kwitabwaho mu nzego zitandukanye nk'uko byagaragajwe n'ubushakashatsi n'igenzura bya RGB. Iyi raporo kandi igaragaza ibikorwa by'ingenzi RGB iteganya gukora mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024. Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023, RGB yari yateganyije ibikorwa 52 byashyizwe mu bikorwa ku kigero cya 96%.

Ku bijyanye n'ingengo y'imari, RGB yari yagenewe amafaranga y' u Rwanda 3,027,286,357 arimo 1,886,944,508 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta na 1,140,341,849 yatanzwe n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'imiyoborere. Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku kigero cya 97.35% aho ingengo y'imari itangwa na Leta yakoreshejwe ku kigero cya 97.82% naho iy'imishinga ikoreshwa ku kigero cya 96.57%.

Ibikorwa by'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024 bizibanda ku bushakashatsi n'igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi. RGB izanakora ubushakashatsi kuri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD Scorecard), ku iterambere ry'itangazamkuru inakomeze guteza imbere imiryango itari iya Leta n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo. Amakuru ava mu bushakashatsi n'ubugenzuzi bikorwa na RGB ashingirwaho n'inzego zitandukanye mu gutegura no gushyiraho igenamigambi na politiki. Ayo makuru kandi azanafasha RGB mu bikorwa bigamije guteza imbere serivisi nziza, imiyoborere myiza n'urwego rw'itangazamakuru.

Mu bindi bikorwa RGB iteganya mu mwaka wa 2023-2024 harimo kwandika, gukurikirana ibikorwa no kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere ndetse n'imitwe ya politiki. RGB izanakomeza kubaka ubufatanye n'imikoranire n'inzego zitandukanye hagamijwe guteza imbere amahame y'imiyoborere no kunoza imitangire ya serivisi mu nzego zose.

IJAMBO RY'IBANZE

2023

IJAMBO RY'IBANZE

2023

Ibikorwa RGB yakoze mu mwaka wa 2022-2023 ntibyari kugerwaho neza iyo itagira ingengo y'imari igenerwa na Leta binyuze muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, uruhare rw'abafatanyabikorwa batandukanye n'ubwitange n'umurava by'abakozi. Nkaba mboneyeho umwanya wo gushima buri wese wagize uruhare mu ishyirwamubikorwa ry'ibyo RGB yari yateganyije mu mwaka dusoje. RGB izakomeza guteza imbere imikorere irangwamo ubufatanye, imitangire ya serivisi inoze n'imiyoborere ishyira umuturage ku isonga nk'inzira ihamye yo guhindura ubuzima bw'abaturage.

**Dr. KAITESI Usta**
**Umukuru w'Urwego**

## IBIRIMO


Ijambo ry'ibanze iv
Ibirimo vi
Urutonde rw'Amashusho viii
Urutonde rw'Amakarita ix
Urutonde rw'Imbonerahamwe ix
Urutonde rw'amagambo mpine xii
Incamake 1
Inshingano N'ububasha 5

IGICE CYA MBERE: IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2022– 2023 7

1.1. Ubushakashatsi ku miyoborere no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda 8
1.1.1. Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS 10) 8
1.1.2. Incamake y'ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC) 13
1.1.3. Incamake y'ubushakashatsi ku mikorere n'imikoranire hagati y'inzego 18
1.1.4. Gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda 22
1.1.5. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana ubushakashatsi bukorwa ku miyoborere no ku buryo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda 28
1.2. Kwandikisha mu Rwanda uburyo bwo kwishakamo ibisubizo 29
1.3. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku miyoborere 30
1.3.1. Imenyekanisha ry'ibyavuye muri CRC 2022 30
1.3.2. Gutangaza Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda (Rwanda Governance Scorecard) 30
1.4. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyoborere myiza n'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Uturere (JADF) 32
1.4.1. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo fatizo by'imitangire ya serivisi (quality service delivery standards) 32
1.4.2. Gutanga ibiganiro ku mitangire ya serivisi 32
1.4.3. Isuzuma ry'imitangire ya serivisi mu rwego rw'ubuzima 34
1.4.4. Ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera" 36
1.5. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza no guhuza ibikorwa bya JADF 37
1.5.1. Guhuza ibikorwa no gukurikirana amarushanwa "Umurenge Kagame Cup 2023" 37
1.5.2. Ubukangurambaga ku miyoborere, imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'abaturage binyuze muri gahunda "Imiyoborere Twifuza" 40
1.5.2.1. Ubukangurambaga mu baturage 41
1.5.2.2. Ibiganiro n'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye, amashuri makuru na kaminuza 41
1.5.3. Guhuza ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho (Peer Review and Peer Learning) 41
1.5.3.1. Inkingi zasuzumwe muri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho mu ntara n'Umujyi wa Kigali 42
1.5.3.2. Incamake y'ibyavuye mu igenzura mu Ntara y'Amajyepfo 43
1.5.3.3. Incamake y'ibyavuye mu igenzura mu Ntara y'Iburengerazuba 45
1.5.3.4. Incamake y'ibyavuye mu igenzura mu Ntara y'Amajyaruguru 47
1.5.3.5. Ibyavuye mu igenzura mu Ntara y'Iburasirazuba 48
1.5.3.6. Incamake y'ibyavuye mu igenzura mu Mujyi wa Kigali 50
1.5.4. Guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF) 52

1.6. Imitwe ya politiki, Imiryango itari iya Leta n'Imiryango ishingiye ku myemerere 56
1.6.1. Kwandika imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki 57
1.6.2. Kumenyekanisha imikoreshereze ya "e-Imiryango" 58
1.6.3. Kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko mu miryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki 58
1.6.3.1. Imikorere y'Imiryango mvamahanga itari iya Leta 60
1.6.3.2. Imiryango yagaragayemo amakimbirane n'icyakozwe 62
1.6.3.3. Gusesengura raporo z'imitwe ya politiki ku mikoreshereze y'imari 63
1.6.4. Ibiganiro n' imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki 63
1.6.4.1. Ibiganiro n'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 63
1.6.4.2. Ibiganiro n'imitwe ya politiki 65
1.6.5. Kongerera ubushobozi imitwe ya politiki 65
1.6.6. Kubaka ubushobozi bw'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 65
1.6.7. Ubushakashatsi ku iterambere rya sosiyete sivile mu Rwanda (Rwanda Civil Society Barometer-RCSB) 70
1.7.Gukurikirana, kubaka ubushobozi no guhuza ibikorwa by'itangazamakuru 73
1.7.1. Kongerera ubushobozi ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru 74
1.7.1.1. Inkunga 74
1.7.1.2. Amahugurwa 74
1.7.2. Gukurikirana no guhuza ibikorwa by'itangazamakuru 78
1.7.2.1. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'ubushakashatsi ku bipimo by'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda (RMB 2021) 78
1.7.2.2.Gukora ubushakashatsi ku mikoro n'imibereho y'ibitangazamakuru (Assessment of the financial sustainability of media houses and media associations) 80
1.7.2.3. Kwizihiza Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru 81
1.7.2.4. Ubukangurambaga ku Itegeko ryerekeye kubona amakuru 82
1.7.2.5. Ibiganiro ku iterambere ry'itangazamakuru 82
1.8. Ibiganiro ku miyoborere 84
1.8.1. Amatsinda aturutse hanze y'u Rwanda RGB yakiriye 84
1.8.2. Ibiganiro RGB yatanze mu bafatanyabikorwa batandukanye 86
1.9. Ubuyobozi n'imirimo rusange 87
1.9.1. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko 87
1.9.2. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa bya RGB n'iby'abafatanyabikorwa 89
1.9.3. Ibindi byakozwe 89
1.9.3.1. Ubugenzuzi bw'imari ya Leta y'umwaka wa 2021-2022 89
1.9.3.2. Kongerera ubushobozi Urwego n'abakozi barwo 90
1.9.3.3. Kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi 90

IGICE CYA KABIRI: IBIKWIYE KWITABWAHO KU BURYO BW'UMWIHARIKO 92

2.1. Icyiciro cy'ubuhinzi 93
2.2. Ibikorwaremezo 95
2.3. Imitangire ya serivisi z'ubutaka n'imiturire 97
2.4. Ibikwiye kwitabwaho byagaragajwe na RGS ya 10 99
2.5. Ibikwiye kwitabwaho byagaragajwe n'isuzuma ku mikorere n'imikoranire hagati y'inzego 101
2.6. Ibikwiye kwitabwaho mu miryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere 103
2.7. Ibikwiye kwitabwaho mu mitangire ya serivisi z'ubuvuzi 104
2.8. Ibikwiye kwitabwaho mu rwego rw'itangazamakuru 106

## IGICE CYA GATATU: GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2022-2023 108

3.1. Ubushakashatsi ku miyoborere no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo 109
3.2. Imitangire ya serivisi, kwimakaza imiyobore myiza no guhuza ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Uturere (JADF) 109
3.3. Kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta 110
3.4. Guteza imbere itangazamakuru 110
3.5. Ubuyobozi n'imirimo rusange no kubaka ubushobozi bw'Urwego 110
3.6. Ingengo y'imari ya RGB ya 2022-2023 111

## IGICE CYA KANE: 112

IMIGEREKA 113


## URUTONDE RW'AMASHUSHO


Ishusho ya 1: Umubare w'inkingi, ibipimo n'udupimo bya RGS ya 8
Ishusho ya 2: Ikigereranyo cya RGS ya 9 n'iya 12
Ishusho ya 3: Uko serivisi z'ubuvuzi mu mavuriro n'ibigo by'ubwishingizi zishimwa 34
Ishusho ya 4: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Iburengerazuba ku birebana no kwishyura inguzanyo za VUP 2009-2022 46
Ishusho ya 5: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Iburasirazuba ku birebana no kwishyura inguzanyo za VUP 2019-2022 50
Ishusho ya 6: Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi ku iterambere rya sosiyete sivile mu Rwanda 71
Ishusho ya 7: amanota y'inkingi, ibipimo n'udupimo 72
Ishusho ya 8: Imikoreshereze y'ingengo y'imari 88
Ishusho ya 9: Zimwe mu nzitizi abaturage bagaragaje bahura nazo mu buhinzi 94
Ishusho ya 10: Zimwe mu nzitizi abaturage bagaragaje mu bikorwaremezo 96
Ishusho ya 11: Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka n'imiturire 98


## URUTONDE RW'AMAKARITA


Ikarita ya 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC 2023 16
Ikarita ya 2: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe uturere 94
Ikarita ya 3: Uko abaturage bashima serivisi z'ibikorwaremezo hakurikijwe uturere 96
Ikarita ya 4: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutaka n'imiturire hakurikijwe uturere 98


## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE


Imbonerahamwe ya 1: Incamake y'ibyavuye mu Gipimo cy'Imiyorere mu Rwanda (RGS ya 10) 10
Imbonerahamwe ya 2: Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage 14
Imbonerahamwe ya 3: Uko ibyiciro bihagaze ugereranyije CRC 2023 na CRC 2022 15
Imbonerahamwe ya 4: Uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere 17
Imbonerahamwe ya 5: Ibiganiro ku mitangire ya serivisi 33
Imbonerahamwe ya 6: Amavuriro n'ibigo by'ubwishingizi byakoreweho isuzuma ry'imitangire ya serivisi 34
Imbonerahamwe ya 7: Ibyavuye mu isuzuma ku mitangire ya serivisi mu rwego rw'ubuzima 35

Imbonerahamwe ya 8: Amakipe n'abantu bahize abandi mu marushanwa "Umurenge Kagame Cup" 38
Imbonerahamwe ya 9: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Amajyepfo ku birebana n'aho gukorera haboneye 43
Imbonerahamwe ya 10 : Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Amajyepfo ku birebana n'imitangire ya serivisi 44
Imbonerahamwe ya 11: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Amajyepfo ku birebana n'imicungire y'umutungo 44
Imbonerahamwe ya 12: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y' Iburengerazuba ku birebana n'aho gukorera haboneye 45
Imbonerahamwe ya 13: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Iburengerazuba ku birebana n'imitangire ya serivisi 46
Imbonerahamwe ya 14: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Amajyaruguru ku birebana n'aho gukorera haboneye 47
Imbonerahamwe ya 15: Ibyagaragajwe n'isuzuma mu Ntara y'Amajyaruguru ku birebana n'imitangire ya serivisi 48
Imbonerahamwe ya 16: Ibyagaragajwe n'isuzuma mu Ntara y'Amajyaruguru ku birebana n'imicungire y'umutungo 48
Imbonerahamwe ya 17: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Iburasirazuba ku birebana n'aho gukorera haboneye 49
Imbonerahamwe ya 18: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Iburasirazuba ku birebana n'imitangire ya serivisi 49
Imbonerahamwe ya 19: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Mujyi wa Kigali ku birebana n'aho gukorera haboneye 51
Imbonerahamwe ya 20: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Mujyi wa Kigali ku birebana n'imitangire ya serivisi 51
Imbonerahamwe ya 21: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Mujyi wa Kigali ku birebana n'imicungire y'umutungo 51
Imbonerahamwe ya 22: Imiryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki byagenzuwe 59
Imbonerahamwe ya 23: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ry'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 59
Imbonerahamwe ya 24: Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango itari iya Leta 60
Imbonerahamwe ya 25: Bimwe mu bikorwa by'ingenzi byakozwe n'imwe mu miryango itari iya Leta 61
Imbonerahamwe ya 26: Gukemura amakimbirane mu miryango 62
Imbonerahamwe ya 27: Amafaranga yatanzwe ku mishinga y' imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 66
Imbonerahamwe ya 28: Ingero z'ibyagezweho n'imishinga yatewe inkunga 67
Imbonerahamwe ya 29: Amahugurwa yahawe abanyamakuru 75
Imbonerahamwe ya 30: Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya RMB 2021 79
Imbonerahamwe ya 31: Ingengo y'imari yakoreshejwe 88
Imbonerahamwe ya 32: Amahugurwa yahawe abakozi ba RGB 90
Imbonerahamwe ya 33: Ibikwiye kwitabwaho byagaragajwe na RGS ya 10 100
Imbonerahamwe ya 34: Ibikwiye kwitabwaho byagaragajwe n'isuzuma ku mikorere n'imikoranire hagati y'inzego 102
Imbonerahamwe ya 35: Ibikwiye kwitabwaho mu mitangire ya serivisi z'ubuvuzi 105
Imbonerahamwe ya 36: Ibikwiye kwitabwaho mu rwego rw'itangazamakuru 107
Imbonerahamwe ya 37: Ingengo y'imari ya RGB 2023-2024 111

# IBISOBANURO BY'AMAGAMBO MPINE

| | |
|---|---|
| AARFEM | Association Rwandaise des Femmes des Medias |
| ARJ | Association Rwandaise des Journalistes |
| CRC | Citizen Report Card |
| CSOs | Civil Society Organizations |
| CWGs | Cluster Working Groups |
| DDAG | Deepening Democracy through strengthening citizens' participation and Accountable Governance |
| DJA | Development Journalism Awards |
| DPCG | Development Partners Coordination Group |
| ECD | Early Childhood Development |
| ECMI | Evangelical Church and Ministries International |
| GACU | Government Actions Coordination Unit |
| GAERG | Groupe des Anciens Etudiants et Elèves Rescapés du Genocide |
| IEP | Institute for Economics and Peace |
| IPHCR | International Pentecostal Holiness Church in Rwanda |
| JADF | Joint Action Development Forum |
| LAF | Legal Aid Forum |
| MIFOTRA | Ministry of Public Service and Labour |
| MIGEPROF | Ministry of Gender and Family Promotion |
| MINALOC | Ministry of Local Government |
| MINECOFIN | Ministry of Finance and Economic Planning |
| MINICT | Ministry of ICT and Innovations |
| MoH | Ministry of Health |
| NBAs | Non-Budget Agencies |
| NCDA | National Child Development Agency |
| NFPO | National Consultative Forum of Political Organizations |
| NPSC | National Public Service Commission |
| NST1 | National Strategy for Transformation |

| | |
|---|---|
| PR-PL | Peer Review-Peer Learning |
| RBA | Rwanda Broadcasting Agency |
| RCSB | Rwanda Civil Society Barometer |
| RCSP | Rwanda Civil Society Platform |
| RDB | Rwanda Development Board |
| RGB | Rwanda Governance Board |
| RGS | Rwanda Governance Scorecard |
| RJSD | Rwanda Journalists for Sustainable Development |
| RMB | Rwanda Media Barometer |
| RMC | Rwanda Media Commission |
| ROJAPED | Rwanda Organization of Journalists Advocating for People with Disability |
| RRA | Rwanda Revenue Authority |
| RSB | Rwanda Standards Board |
| RSSB | Rwanda Social Security Board |
| RURA | Rwanda Utilities Regulatory Authority |
| SWGs | Sector Working Groups |
| UKC | Umurenge Kagame Cup |
| UN | United Nations |
| UNDP | United Nations Development Program |
| VUP | Vision 2020 Umurenge Program |
| WMOC | Women Media Owners Company |
| WMP | Women in Media Platform |

# INCAMAKE

Iyi raporo iragaragaza mu buryo burambuye ibyagezweho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023 na gahunda y'ibikorwa biteganyijwe mu mwaka wa 2023-2024.

Ibyakozwe bikubiye mu byiciro bitandatu (6) bikurikira: (1) Ubushakashatsi ku miyoborere n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo, (2) Kugenzura imitangire ya serivisi, guteza imbere imiyoborere myiza n'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere, (3) Kwandika, gukurikirana no kongerera ubushobozi imitwe ya politiki, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Imiryango itari iya Leta (4) Guteza imbere urwego rw' itangazamakuru, (5) Ibiganiro bishimangira ubufatanye n'imikorere inoze (6) n'imirimo rusange ishyigikira ibikorwa by'Urwego.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023, RGB yari yateganyije ibikorwa 52. Muri byo 50 bihwanye na 96% byarakozwe birarangira. Ibikorwa bibiri ni byo bitakozwe muri uyu mwaka ari byo: Igikorwa cyo gukora ubushakashatsi kuri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato (Early Childhood Development-ECD Scorecard 3rd Edition) kimuriwe mu mwaka w'ingengo y'imarai wa 2023-2024 bivuye ku busabe bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) kifuje ko habanza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry' ibyifuzonama byavuye muri "ECD Scorecard" ya kabiri. Ikindi gikorwa kitakozwe ni icyo gutegura icyiciro cya kane cy'Itorero Impamyabigwi kuko kitabonye ingengo y'imari. Ibikorwa bya RGB n'iby'abafatanyabikorwa bayo byagize uruhare mu guhanga imirimo mishya igera 36,770.

Ku bijyanye n'ingengo y'imari, RGB yari yagenewe amafaranga y' u Rwanda 3,027,286,357 arimo 1,886,944,508 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta na 1,140,341,849 yatanzwe n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'imiyoborere. Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku kigero cya 97.35% aho ingengo y'imari itangwa na Leta yakoreshejwe ku kigero cya 97.82% naho iy'imishinga ikoreshwa ku kigero cya 96.57%.

Mu rwego rw'ubushakashatsi, RGB yakoze Igipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda (Rwanda Governance Scorecard 10th Edition). Muri RGS ya 10, inkingi eshanu ku munani ziri ku kigero cya 80% kuzamura mu gihe eshatu zisigaye ziri ku kigero kiri hagati ya 60% na 79.9%. Inkingi y'umutekano ni yo yaje ku isonga n'amanota 93.63% mu gihe inkingi yo kuzamura imibereho myiza y'abaturage ari yo yaje inyuma n'amanota 75.51%.

RGB yanakoze ubushakashatsi ku Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC). Ubushakashatsi bwa CRC 2023 bwagaragaje ko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi ku kigero cya 76.2%. Ibyiciro 10 kuri 16 byasuzumwe biri hejuru ya 75%, aho umutekano waje ku isonga n'amanota 89.8% naho ubutaka n'imiturire byaje ku mwanya wa nyuma n'amanota 60.4%.

Ku busabe bw'Inteko Ishinga Amategeko, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) rwakoze ubushakashatsi ku ihuzabikorwa n'imikoranire hagati y'inzego hagamijwe gusuzuma imikorere y'imiyoboro yashyizweho

mu gufasha ihuzabikorwa n'imikoranire hagati y'inzego. Iyo miyoboro yasuzumwe ni iyi ikurikira: Ishami ryo mu biro bya Minisitiri w'Intebe rishinzwe ihuzabikorwa rya politiki na gahunda za Guverinoma (Government Actions Coordination Unit - GACU), Cluster Working Groups (CWG), Sector Working Groups (SWG), Development Partners Coordination Group (DPCG), intara n'Umujyi wa Kigali ndetse n' Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF). Ubu bushakashatsi kandi bwasuzumye imikorere ya Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD) nk'imwe muri gahunda zihuriweho n'inzego zitandukanye. Isesengura ryagaragaje ko muri iyo miyoboro hakiri intege nke mu guhuza no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki na gahunda za Leta nk'uko byari biteganyijwe.

RGB yasesenguye ibyavuye mu byegeranyo mpuzamahanga bitandukanye bigaragaza uko ibihugu bihagaze mu byiciro binyuranye hagamijwe kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando mpuzamahanga aho muri uyu mwaka hasesenguwe ibyegeranyo birindwi (7).

Mu mwaka wa 2022-2023, RGB yakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo by'imitangire ya serivisi mu bigo bya Leta cumi na bitanu (15). Muri byo, birindwi (7) gusa nibyo byatanze raporo z'ibyakozwe. Muri ibi bigo birindwi, bitanu (5) nibyo byatanze raporo z'ibyakozwe ku bipimo byose uko ari birindwi (7).

Mu rwego rwo kongera ubumenyi bw'inzego zitandukanye ku mahame y'imitangire ya serivisi no kuzikangurira kuyashyira mu bikorwa, RGB yatanze ibiganiro ku mitangire ya serivisi ku bayobozi n'abakozi banyuranye mu ntara zose n'Umujyi wa Kigali. Ibiganiro byitabiriwe n'abaturutse mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta.

RGB yakoze kandi igenzura ry'imitangire ya serivisi mu rwego rw'ubuvuzi. Iri genzura ryagaragaje ko muri rusange, abahawe serivisi z'ubuvuzi bazishima ku kigero cya 72.32%. Ibibazo byagaragajwe n'iri genzura bibangamiye imitangire ya serivisi z'ubuvuzi harimo ikibazo cy'abakozi bake, imbangukiragutabara zidahagije, inyubako zishaje, izangiritse cyangwa zidahagije; ibikoresho bike ndetse n'imihanda igana ku mavuriro (cyane cyane ku bigo nderabuzima n'amavuriro mato) itameze neza.

Mu rwego rw'ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi, RGB yatanze ibiganiro binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera" ahibanzwe ku kuzamura ubumenyi bw'abatanga serivisi n'abayihabwa, basobanurirwa uruhare rw'imitangire ya serivisi inoze mu iterambere ry'Igihugu. Ubu bukangurambaga bwakozwe hifashishijwe ubutumwa bwatambutse mu bitangazamakuru (KT Radio, Televiziyo y' u Rwanda, Igihe.com).

Bigendanye n'inshingano ifite yo guteza imbere imiyoborere myiza, RGB yakurikiranye ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho byakozwe mu ntara zose n'Umujyi wa Kigali. RGB yashyikirijwe gahunda na raporo byahurijwe ku rwego rwa buri ntara n'Umujyi wa Kigali irazisesengura, inatanga inama ku bikeneye kunozwa mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho.

Ku bufatanye n'ubuyobozi bw'intara, Umujyi wa Kigali, uturere n'abagize Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere, RGB yateguye inama ziteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe agenga imikorere ya JADF. Hakozwe inama nyunguranabitekerezo imwe

muri buri ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse n'inama enye mpuzabikorwa z'igihembwe. Izi nama zari zigamije gukurikirana, guhuriza hamwe ibikorwa no kujya inama ku cyarushaho guteza imbere uruhare rwa JADF mu iterambere.

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufatanyije na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisiteri ya Siporo, intara n'Umujyi wa Kigali, uturere n'imirenge hateguwe amarushanwa y'imiyoborere myiza azwi nk'Umurenge Kagame Cup. Aya marushanwa, yitabiriwe n'amakipe y'abagabo n'abagore mu mikino ikurikira: umupira w'amaguru, sit-ball, volleyball, basketball, gusiganwa ku magare, gusiganwa ku maguru, gusimbuka urukiramende no kubuguza. Aya marushanwa yahawe insanganyamatsiko igira iti "Duteze imbere imikino twimakaza imiyoborere myiza".

Ubutumwa bwatanzwe muri aya marushanwa bwibanze ku gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa, kunoza imitangire ya serivisi, gukangurira urubyiruko guteza imbere impano zabo, kwirinda no kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, ubusinzi n'izindi ngeso mbi bibabuza kwiteza imbere. Abahize abandi muri aya marushanwa bahawe ibihembo birimo amafaranga, imidari, ibikombe n'imipira yo gukina.

Mu mwaka wa 2022-2023, RGB yanditse imiryango nyarwanda itari iya Leta mishya 285 harimo 95 yahawe ubuzima gatozi na 190 yahawe icyangombwa cy'iyandikwa cy'agateganyo. Handitswe kandi imiryango ishingiye ku myemerere 39 harimo 33 yahawe ubuzima gatozi n'itandatu (6) yahawe icyangombwa cyo guhuza n'itegeko. Imiryango mvamahanga itari iya Leta mishya 15 yahawe ibyangombwa biyemerera gukorera mu Rwanda, 175 yongererwa igihe cyo gukorera mu Rwanda. Raporo zatanzwe n'imiryango mvamahanga itari iya Leta zagaragaje ko iyi miryango yakoresheje ingengo y'imari ingana n'amadorali y'Amerika 223,114,875 mu mishinga itandukanye.

Ku bufatanye na UNDP, RGB yatanze inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 666,441,101 ku miryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere 55, mu rwego rwo kuyubakira ubushobozi no gushyira mu bikorwa imishinga itandukanye iteza imbere abaturage.

Mu mwaka wa 2022-2023, RGB yakoze ubugenzuzi mu miryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere bwibanze ku miyoborere n'iyubahirizwa ry'amategeko; gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano; ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'imiryango; icungamutungo n'imicungire y'abakozi n'ubufatanye n'izindi nzego. Igenzura ryagaragaje ko imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere isangiye ikibazo cyo kugira intege nke mu birebana no gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano n'icungamutungo n'imicungire y'abakozi. Imiryango itari iya Leta inafite intege nke mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'imiryango naho imiryango ishingiye ku myemerere ikanagira intege nke mu birebana n'imiyoborere n'iyubahirizwa ry'amategeko.

Mu mwaka wa 2022-2023, RGB yakoze ku nshuro ya kane ubushakashatsi bugamije gupima iterambere rya sosiyete sivile mu Rwanda buzwi nka Rwanda Civil Society Barometer-RCSB. RCSB 2023 yubakiye ku nkingi enye (4) zigizwe n'ibipimo 13 n'udupimo 39. Izo nkingi ni kugira uruhare mu bikorwa no kudaheza (Participation and Inclusiveness domain), imiterere y'urubuga sosiyete sivile ikoreramo (CSOs Environment domain), imiyoborere n'indangagaciro muri sosiyete sivile (Governance and values in CSOs domain) ndetse n'umusaruro n'uruhare rw'ibikorwa bya sosiyete sivile (Impact and effectiveness of CSOs domain).

RCSB 2023 yagaragaje ko inkingi y'umusaruro n'uruhare rw'ibikorwa bya sosiyete sivile (Impact and effectiveness of CSOs domain) ari yo iza imbere ku kigero cya 84.24%, mu gihe inkingi y'imiterere y'urubuga sosiyete sivile ikoreramo (CSOs Environment domain) ari yo iri inyuma ku kigero cya 73.08%.

Mu rwego rw'itangazamakuru, RGB yateye inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 509,981,957 imishinga n'ibikorwa by'ibitangazamakuru 22 n'amashyirahamwe y'abanyamakuru abiri n'Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura (RMC).

RGB yakoze isesengura ku mibereho n'amikoro y'ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru hagamijwe kureba ibibazo birimo ndetse no gutanga inama ku buryo byakemurwa. Bimwe mu bibazo nyamukuru byagaragajwe n'isesengura birimo: ikibazo cy'amikoro giterwa n'uko isoko ryo kwamamaza binyuze mu itangazamakuru ryagabanutse cyane, ibiciro byo gukodesha iminara biremereye ibitangazamakuru, kutagira abakozi bahagije mu myanya y'ingenzi, umushahara udatuma umwuga ukurura ngo unagumane abakozi bashoboye no kutagira umurongo n'uburyo bihamye byo gufasha mu micungire inoze y'umutungo n'abakozi.

RGB kandi yagiranye inama n'ibiganiro n'inzego ndetse n'abafatanyabikorwa batandukanye hagamijwe kugaragaza ibyavuye mu bushakashatsi n'igenzura ku miyoborere n'imitangire ya serivisi. Muri ibi biganiro, RGB yatanze inama ku bibazo byagaragajwe birebana n'imiyoborere n'imitangire ya serivisi. Muri iyi raporo, RGB iragaragaza ku buryo bw'umwihariko ibibazo bikeneye kwitabwaho byagaragajwe n'ubushakashatsi ndetse n'ubugenzuzi yakoze ku miyoborere n'imitangire ya serivisi.

Mu bikorwa bijyanye n'ubuyobozi n'imirimo rusange, hibanzwe ku gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2022-2023 no gutegura iby'umwaka wa 2023-2024, imicungire y'ingengo y'imari n'abakozi, kongerera ubushobozi Urwego n'abakozi barwo, kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose by'Urwego no mu bafatanyabikorwa.

Mu mwaka wa 2022-2023, RGB yakorewe ubugenzuzi n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ku mikoreshereze y'ingengo y'imari yo mu mwaka wa 2021-2022. Nyuma y'ubu bugenzuzi, RGB yabonye raporo ntamakemwa (unqualified audit opinion). Iyi raporo igaragaza kandi ko RGB yashyize mu bikorwa ku gipimo cy'ijana ku ijana (100%) inama yari yahawe mu bugenzuzi bwa 2020-2021.

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024, RGB yateganyije ibikorwa 37 bizatwara ingengo y'imari y'amafaranga y' u Rwanda 3,404,582,645, arimo 1,904,582,645 azava mu ngengo y'imari ya Leta na 1,500,000,000 azava mu bafatanyabikorwa.

# INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RGB

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rwashyizweho n'itegeko N°56/2016 ryo ku wa 16/12/2016 rukaba rufite inshingano zikurikira:

1. Kugenzura mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza mu nzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta ;
2. Gukora ubushakashatsi ku miyoborere mu Rwanda, kugaragaza uko abaturage babona ibibakorerwa no kubimenyekanisha;
3. Gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda no gushyiraho uburyo bwabyazwa umusaruro;
4. Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana inyigo n'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda ku miyoborere n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo byaba bikorwa n'umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;
5. Kugira Leta inama ku ishyirwamubikorwa rya politiki yo kwegereza ubushobozi n'ubuyobozi abaturage no gutanga inama ku bikorwa byo kongerera ubushobozi inzego z'ibanze;
6. Guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, demokarasi, imikorere n'imitangire ya serivisi zinoze no kubigiramo inama Guverinoma n'izindi nzego bireba;
7. Kugira inama Leta ku birebana na politiki n'ingamba bifitanye isano no kwimakaza imikorere n'imiyoborere myiza biteza imbere Igihugu;
8. Gutanga ibitekerezo ibisabwe cyangwa ibyibwirije mu nzego z'ubuyobozi ku mategeko akurikizwa mu Gihugu no ku mishinga y'amategeko kugira ngo byubahirize amahame shingiro ajyanye n'imiyoborere;
9. Gushyiraho ingamba zo gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no kubigaragarizwa;
10. Kwandika, gutanga ubuzimagatozi ku miryango nyarwanda itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere no gukurikirana ko imikorere yayo ikurikiza amategeko;
11. Kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo;
12. Kwandika Imitwe ya politiki no gukurikirana imikorere yayo;
13. Guteza imbere itangazamakuru no gutanga inama ku mikorere yaryo;
14. Guhuza no gukurikirana ibikorwa by'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere;
15. Gukorana n'abantu, ibigo n'amashyirahamwe byo mu gihugu ndetse n'ibyo mu mahanga bikora imirimo imwe;
16. Gushyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko Imitwe Yombi gahunda na raporo z'ibikorwa byayo no guha kopi izindi nzego za Leta zivugwa muri iri tegeko;
17. Gushyiraho imirongo ngenderwaho mu iyandikwa ry'imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere.

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere kandi rufite ububasha bukurikira:

- Gusaba ibisobanuro ku byerekeye imiyoborere, imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego za Leta, imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'iz'abikorera no gusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi inzego cyangwa abakozi bagaragaweho imikorere mibi;
- Gusaba ibisobanuro, guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa cyangwa kwambura ubuzimagatozi imiryango itari iya Leta cyangwa imiryango ishingiye ku myemerere;
- Guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda ku miryango mvamahanga itari iya Leta;
- Gufatira ibyemezo Umutwe wa politiki utubahirije ibiteganywa n'amategeko;
- Kwemeza ko uburyo bukoreshwa mu Rwanda ari umwimerere nyarwanda wo kwishakamo ibisubizo no gukurikirana ubukoresha nabi cyangwa ubukoresha atabifitiye uburenganzira.

1



IGICE CYA MBERE

# IBYAKOZWE MU MWAKA WA 2022– 2023

# 1.1. UBUSHAKASHATSI KU MIYOBORERE NO GUTEZA IMBERE UBURYO BWO KWISHAKAMO IBISUBIZO MU RWANDA


Mu bijyanye n'ubushakashatsi n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda, mu mwaka wa 2022-2023 hari hateganyijwe gukora no kumenyekanisha ubushakashatsi ku Gipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda, ku Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye no ku mikorere n'imikoranire hagati y'inzego. Hari hanateganyijwe gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda, kwandikisha uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda no gutanga uburenganzira bw'ibanze ku bushakashatsi bukorwa ku miyoborere no ku buryo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda. Raporo z'ubushakashatsi bwakozwe ziri ku mugereka w'iyi raporo.

## 1.1.1. INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI KU GIPIMO CY'IMIYOBORERE MU RWANDA (RGS 10)


Igipimo cy'Imiyoborere ni ubushakashatsi bukorwa hagamijwe kugaragaza ishusho y'imiyoborere mu Rwanda no gutanga amakuru afasha mu igenwa n'ishyirwa mu bikorwa rya politike zitandukanye zirebana n'imiyoborere n'iterambere by'Igihugu.

**RGS YA 10 IGIZWE N'INKINGI 8, IBIPIMO 35 N'UDUPIMO 151 NK'UKO BIGARAGAZWA N'ISHUSHO IKURIKIRA:**


**Ishusho ya 1: Umubare w'inkingi, ibipimo n'udupimo bya RGS ya 10**




Aho byavuye: RGS 10th Edition




Muri RGS ya 10, inkingi eshanu (5) ku munani ziri ku kigero cya 80% kuzamura mu gihe eshatu (3) zisigaye ziri ku kigero kiri hagati ya 60% na 79,9%. Inkingi y'umutekano ni yo yaje ku isonga n'amanota 93,63% mu gihe inkingi yo kuzamura imibereho myiza y'abaturage ari yo yaje inyuma n'amanota 75,51%.




Ibipimo 24 muri 35 bigize inkingi za RGS ya 10 biri ku kigero cya 80% kuzamura, naho ibipimo 11 biri hagati ya 60% na 79,9%. Ku birebana n'udupimo, 102 ku 151 turi ku kigero cya 80% kuzamura, udupimo 38 turi hagati ya 60% na 79,9%, udupimo 9 turi hagati ya 40 na 59,9%, mu gihe udupimo 2 ari two turi munsi ya 40%.

# IMBONERAHAMWE YA 1:
# INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU GIPIMO

## INKINGI 1 — IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO — 88.89%

- IGIPIMO 1 — Imikorere y'ubucamanza — 79.55%
- IGIPIMO 2 — Imikorere y'ubushinjacyaha — 94.34%
- IGIPIMO 3 — Kubona ubutabera ku gihe — 85.81%
- IGIPIMO 4 — Imikorere y'Inteko Ishinga Amategeko — 95.86%

## INKINGI 2 — UBURENGANZIRA MU BYA POLITIKI N'UBWISANZURE BW'ABATURAGE — 88.01%

- IGIPIMO 1 — Demokarasi n'ubwisanzure — 83.40%
- IGIPIMO 2 — Uruhare rw'imiryango itari iya Leta mu miyoborere — 82.19%
- IGIPIMO 3 — Imikorere y'imitwe ya politiki — 94.85%
- IGIPIMO 4 — Kubona amakuru afitwe n'inzego za Leta — 87.23%
- IGIPIMO 5 — Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu n'iry'amasezerano mpuzamahanga — 92.38%

## INKINGI 3 — IMIYOBORERE ABATURAGE BAGIZEMO URUHARE KANDI IDAHEZA — 84.04%

- IGIPIMO 1 — Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa — 86.58%
- IIGIPIMO 2 — Kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage — 75.79%
- IGIPIMO 3 — Uruhare rw'imiryango itari iya Leta — 82.61%
- IGIPIMO 4 — Gusaranganya ubutegetsi — 94.25%
- IGIPIMO 5 — Uburinganire mu nzego z'ubuyobozi — 80.98%

## INKINGI 4 — UMUTEKANO — 93.63%

- IGIPIMO 1 — Kubungabunga umutekano — 96.92%
- IGIPIMO 2 — Umutekano rusange w'Igihugu — 95.57%
- IGIPIMO 3 — Umutekano w'abantu n'ibintu — 86.81%
- IGIPIMO 4 — Ubumwe, ubwiyunge n'imibanire y'abanyarwanda — 95.22%

# CY'IMIYOBORERE MU RWANDA (RGS YA 10)

## INKINGI 5 — KUZAMURA IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE: 75.51%

| IGIPIMO | | |
|---|---|---|
| IGIPIMO 1 | Uburezi | 74.19% |
| IGIPIMO 2 | Ubuzima | 86.42% |
| IGIPIMO 3 | Gahunda zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage | 69.68% |
| IGIPIMO 4 | Guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere no kubungabunga ibidukikije | 71.74% |

## INKINGI 6 — KURWANYA RUSWA NO GUKORERA MU MUCYO: 88.97%

| IGIPIMO | | |
|---|---|---|
| IGIPIMO 1 | Ibyaha bijyanye na ruswa | 86.29% |
| IGIPIMO 2 | Kurwanya ruswa | 78.31% |
| IGIPIMO 3 | Gukorera mu mucyo | 98.40% |
| IGIPIMO 4 | Kugaragariza abaturage ibibakorerwa | 92.89% |

## INKINGI 7 — IREME RY'IMITANGIRE YA SERIVISI: 78.28%


| IGIPIMO | | |
|---|---|---|
| IGIPIMO 1 | Serivisi z'imiyoborere | 87.56% |
| IGIPIMO 2 | Serivisi zo kwita ku mibereho myiza y'abaturage | 80.25% |
| IGIPIMO 3 | Serivisi z'ubukungu | 73.16% |
| IGIPIMO 4 | Ubugenzuzi ku mitangire ya serivisi | 75.86% |
| IGIPIMO 5 | Imitangire ya serivisi hakoreshejwe ikoranabuhanga | 74.59% |

## INKINGI 8 — IMIYOBORERE MU BUKUNGU N'UBUCURUZI: 79.98%

| IGIPIMO | | |
|---|---|---|
| IGIPIMO 1 | Ibipimo by'ubukungu | 75.42% |
| IGIPIMO 2 | Guteza imbere ubucuruzi mpuzamahanga n'inganda | 85.95% |
| IGIPIMO 3 | Guteza imbere ishoramari | 82.54% |
| IGIPIMO 4 | Imicungire y'ibigo by' ubucuruzi | 76.00% |

| AMANOTA | AMABARA |
|---|---|
| [80-100%] | ICYATSI KIBISI |
| [60-80%[ | UMUHONDO |
| [40-60%[ | UMUHEMBA |
| [0-40%[ | UMUTUKU |

### Ishusho ya 2: Ikigereranyo cya RGS ya 9 n'iya 10




Aho byavuye: RGS 10th Edition

Ugereranyije n'iyo mu mwaka wayibanjirije, RGS ya 10 igaragaza ko inkingi enye ku munani zazamutse, aho iy'Imiyoborere mu bukungu ari yo yazamutse kurusha izindi ku kigero cya 2.13%. Ibyo byatewe n'uko u Rwanda rwarushijeho guteza imbere ubucuruzi mpuzamahanga n'inganda.

RGS ya 10 isoreza ku byifuzonama bishingiye ku byavuye mu bushakashatsi ikanerekana uko ibyifuzonama by'izayibanjirije byashyizwe mu bikorwa n'inzego bireba.










## 1.1.2. INCAMAKE Y'UBUSHAKASHATSI KU ISHUSHO Y'UKO ABATURAGE BABONA IMIYOBORERE N'IMITANGIRE YA SERIVISI MU NZEGO ZIBEGEREYE (CRC)

Ubushakashatsi bwa CRC bukorwa buri mwaka hagamijwe kugaragaza uko abaturage bishimiye imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye ndetse n'uruhare bagira mu bibakorerwa. Intego nyamukuru y'ubu bushakashatsi ni ugufasha inzego zegereye abaturage kunoza imitangire ya serivisi no kurushaho kurangwa n'imiyoborere ishyira umuturage ku isonga. Ubushakashatsi bwakorewe ku baturage 10,090 mu gihugu hose, bunatanga akazi ku bakarani b'ubushakashatsi 72.

CRC ya 2023 yubakiye ku byiciro 16 bikubiye mu nkingi eshatu za gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (NST1) ari zo: Ubukungu, Imibereho myiza n'Imiyoborere. Mu bukungu hasuzumwe ubuhinzi, ubworozi, ibikorwaremezo, ikoranabuhanga n'itumanaho, ubutaka n'imiturire ndetse n'urwego rw'abikorera. Mu mibereho myiza hasuzumwe uburezi, ubuzima, isuku, gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye ndetse n'imibereho y'Umuryango Nyarwanda. Mu nkingi y'Imiyoborere hasuzumwe serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, ubutabera, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi, umutekano ndetse n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

CRC ya 2023 yagaragaje ko abaturage bishimiye imitangire ya serivisi ku kigero cya 76.2%. Ibyiciro 10 kuri 16 byasuzumwe biri hejuru ya 75%, aho umutekano waje ku isonga n'amanota 89.8% naho ubutaka n'imiturire byaje ku mwanya wa nyuma n'amanota 60.4%.

Imbonerahamwe ya 2: Uko ibyiciro bishimwa n'abaturage

| ICYICIRO | CRC 2023 |
|---|---|
| Umutekano | 89.8% |
| Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi | 89.4% |
| Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 87.3% |
| Ubutabera | 81.8% |
| Ubuzima | 77.9% |
| Ubworozi | 76.6% |
| Uburezi | 76.4% |
| Urwego rw'abikorera | 76.2% |
| Inzego z'ibanze | 75.8% |
| Imibereho y'Umuryango Nyarwanda | 75.1% |
| Isuku | 73.8% |
| Ikoranabuhanga n'itumanaho | 72.8% |
| Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye | 71.8% |
| Ibikorwaremezo | 71.0% |
| Ubuhinzi | 63.2% |
| Ubutaka n'imiturire | 60.4% |
| **IMPUZANDENGO** | **76.2%** |

Aho byavuye: CRC ya 2023




**Imbonerahamwe ya 3: Uko ibyiciro bihagaze ugereranyije CRC ya 2023 na CRC ya 2022**

| Nº | ICYICIRO | CRC 2023 | CRC 2022 | IMPINDUKA (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Ibikorwaremezo | 71.0% | 65.1% | ▲ | 5.9% |
| 2 | Uburezi | 76.4% | 72.2% | ▲ | 4.2% |
| 3 | Ubuhinzi | 63.2% | 61.1% | ▲ | 2.1% |
| 4 | Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi | 89.4% | 87.8% | ▲ | 1.6% |
| 5 | Urwego rw'abikorera | 76.2% | 74.9% | ▲ | 1.3% |
| 6 | Ubutabera | 81.8% | 81.1% | ▲ | 0.7% |
| 7 | Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye | 71.8% | 71.8% | ▲ | 0.0% |
| 8 | Ubutaka n'imiturire | 60.4% | 60.5% | ▼ | -0.1% |
| 9 | Ubworozi | 76.6% | 77.7% | ▼ | -1.1% |
| 10 | Ubuzima | 77.9% | 79.1% | ▼ | -1.2% |
| 11 | Ikoranabuhanga n'itumanaho | 72.8% | 74.1% | ▼ | -1.3% |
| 12 | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 87.3% | 88.7% | ▼ | -1.4% |
| 13 | Imibereho y'umuryango nyarwanda | 75.1% | 77.0% | ▼ | -1.9% |
| 14 | Umutekano | 89.8% | 91.9% | ▼ | -2.1% |
| 15 | Isuku | 73.8% | 76.3% | ▼ | -2.5% |
| 16 | Inzego z'ibanze | 75.8% | 78.8% | ▼ | -3.0% |
| | **IMPUZANDENGO** | **76.2%** | **76.1%** | ▲ | **0.1%** |

Aho byavuye: CRC ya 2023

# UKO UTURERE DUHAGAZE **MURI CRC YA 2023**

**Ikarita ya 1: Ishusho rusange y'uko uturere duhagaze muri CRC ya 2023**




Aho byavuye: CRC ya 2023

Muri rusange, mu turere 23 abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye ndetse n'uruhare rwabo mu bibakorerwa ku kigero kiri hejuru ya 75%. Akarere ka Rubavu ni ko kaje ku isonga ku gipimo cya 81.1% mu gihe mu Karere ka Kayonza ari ho abaturage bashima ku kigero cyo hasi cya 70.5%.

## Imbonerahamwe ya 4: Uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere

| N° | AKARERE | CRC 2023 | CRC 2022 | IMPINDUKA (%) | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rubavu | 81.10% | 74.35% | ▲ | 6.75% |
| 2 | Burera | 79.78% | 71.69% | ▲ | 8.09% |
| 3 | Rwamagana | 78.70% | 77.72% | ▲ | 0.98% |
| 4 | Nyabihu | 78.15% | 79.22% | ▼ | -1.07% |
| 5 | Gakenke | 78.06% | 80.47% | ▼ | -2.42% |
| 6 | Kicukiro | 77.61% | 75.96% | ▲ | 1.65% |
| 7 | Rutsiro | 77.60% | 72.12% | ▲ | 5.48% |
| 8 | Nyamasheke | 77.58% | 76.84% | ▲ | 0.74% |
| 9 | Gisagara | 77.45% | 78.79% | ▼ | -1.33% |
| 10 | Nyamagabe | 77.34% | 68.06% | ▲ | 9.28% |
| 11 | Nyagatare | 77.18% | 70.62% | ▲ | 6.56% |
| 12 | Ngoma | 77.13% | 75.65% | ▲ | 1.47% |
| 13 | Kamonyi | 77.08% | 76.93% | ▲ | 0.14% |
| 14 | Karongi | 76.87% | 75.40% | ▲ | 1.47% |
| 15 | Nyarugenge | 76.84% | 78.62% | ▼ | -1.78% |
| 16 | Rulindo | 76.60% | 74.83% | ▲ | 1.78% |
| 17 | Muhanga | 76.23% | 76.82% | ▼ | -0.60% |
| 18 | Kirehe | 76.12% | 77.81% | ▼ | -1.69% |
| 19 | Nyaruguru | 76.02% | 77.77% | ▼ | -1.74% |
| 20 | Rusizi | 75.60% | 81.50% | ▼ | -5.90% |
| 21 | Gicumbi | 75.36% | 75.63% | ▼ | -0.27% |
| 22 | Huye | 75.12% | 73.71% | ▲ | 1.41% |
| 23 | Nyanza | 74.96% | 76.68% | ▼ | -1.72% |
| 24 | Gasabo | 74.71% | 74.83% | ▼ | -0.12% |
| 25 | Bugesera | 73.74% | 73.64% | ▲ | 0.10% |
| 26 | Ngororero | 73.30% | 77.02% | ▼ | -3.73% |
| 27 | Gatsibo | 72.64% | 79.95% | ▼ | -7.30% |
| 28 | Ruhango | 72.46% | 76.43% | ▼ | -3.97% |
| 29 | Musanze | 70.98% | 74.59% | ▼ | -3.62% |
| 30 | Kayonza | 70.45% | 76.29% | ▼ | -5.84% |
| **Impuzandengo** | | **76.20%** | **76.07%** | ▲ | **0.13%** |

Aho byavuye: CRC ya 2023

## 1.1.3. INCAMAKE Y'UBUSHAKASHATSI KU MIKORERE N'IMIKORANIRE HAGATI Y'INZEGO

Ku busabe bw'Inteko Ishinga Amategeko, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) rwakoze ubushakashatsi ku ihuzabikorwa n'imikoranire hagati y'inzego hagamijwe gusuzuma imikorere y'imiyoboro yashyizweho mu gufasha ihuzabikorwa n'imikoranire hagati y'inzego. Iyo miyoboro yasuzumwe ni iyi ikurikira: Ishami ryo mu biro bya Minisitiri w'Intebe rishinzwe ihuzabikorwa rya politiki na gahunda za Guverinoma (Government Actions Coordination Unit - GACU), *Cluster Working Groups (CWG), Sector Working Groups (SWG), Development Partners Coordination Group (DPCG)*, intara n'Umujyi wa Kigali ndetse n' Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF). Ubu bushakashatsi kandi bwasuzumye imikorere ya Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD) nk'imwe muri gahunda zihuriweho n'inzego zitandukanye, bukorerwa mu turere icumi (10) aritwo: Gasabo, Nyarugenge, Karongi, Rubavu, Ngoma, Gatsibo, Huye, Kamonyi, Musanze na Burera twatoranyijwe mu ntara zose n'Umujyi wa Kigali.

## IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI BYEREKANYE IBI BIKURIKIRA:

### Ishami ryo mu biro bya Minisitiri w'Intebe rishinzwe ihuzabikorwa rya politiki na gahunda za Guverinoma (GACU)

*Government Actions Coordination Unit (GACU)* ni ishami ryo mu biro bya Minisitiri w'Intebe rishinzwe ihuzabikorwa n'igenzura ry'ishyirwa mu bikorwa rya politiki na gahunda za Guverinoma.

Muri rusange GACU ntiyabashije kwerekana inyandiko zigaragaza uburyo ihuza ikanakurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki na gahunda za Guverinoma. Bimwe mu bibazo GACU yagaragaje ihura nabyo mu mikorere yayo harimo kuba imikoranire hagati y'inzego za Leta ku bijyanye n'igenamigambi ikiri ku gipimo cyo hasi; ndetse na zimwe mu nzego zitanga amakuru atizewe.

### Cluster Working Groups (CWG) na Sector Working Groups (SWG)

Nk'uko byari biteganyijwe muri gahunda ya Leta y'imbaturabukungu (EDPRS I), *Cluster Working Groups* na *Sector Working Groups* ni amahuriro yashyizweho ahuza inzego za Leta n'Abafatanyabikorwa mu Iterambere hagamijwe kunoza igenamigambi rihuriweho, ihuzabikorwa ry'imikoreshereze y'inkunga n'isuzumabikorwa rihuriweho hagendewe ku ntego z'Igihugu.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko mu myaka itanu ishize habaye imikoranire itanoze by'umwihariko mu guhanahana amakuru hagati y'abagize Clusters. Zimwe mu ngero z'ibibazo byagaragaye ni uko Cluster Working Groups zidakora nk'uko amabwiriza agenga imikorere yazo abiteganya. Ibyo bikagaragazwa no kudaterana uko biteganyijwe, gutinda kugeza imyanzuro y'inama ku bagize itsinda, gutumiza inama mu buryo butunguranye, kutabika neza amakuru y'ibikorwa ndetse no kudashyira mu bikorwa imyanzuro y'inama igihe zabaye.

Ku bijyanye na *Sector Working Groups*, ubushakashatsi bwerekanye ko mu myaka itanu ishize, 50% zonyine ari zo zakoze inama ziteganywa n'amabwiriza agenga imikorere yazo. Mu mikorere n'imikoranire naho hagaragayemo intege nke aho usanga bamwe batazi *Sector Working Groups* babarizwamo kandi bagaragara ku rutonde rwazo, ndetse hakaba n'izitagira ubunyamabanga n'umukozi uhoraho nk'uko biteganywa n' amabwiriza azigenga.

### Development Partners Coordination Group (DPCG)

DPCG ni ihuriro rihuza Guverinoma n'abafatanyabikorwa mu iterambere mu birebana n'imicungire n'imikoreshereze y'inkunga. Iri huriro riyoborwa na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) ifatanyije n'Umuhuzabikorwa w'Amashami y'Umuryango w'abibumbye mu Rwanda (UN Resident Coordinator). Ishami ryo muri MINECOFIN rishinzwe inkunga iva mu mahanga (The External Finance Unit) akaba ari ryo rishinzwe ubunyamabaganga bw'iri huriro.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko inama ziteganyijwe n'amabwiriza ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yazo bikorwa neza. Icyakora, hagaragaye intege nke zikurikira: kudatumiriza inama ku gihe, kudasangiza abazigize ibiri ku murongo w'ibyigwa, igihe gito gihabwa abayigize mu gihe cy' ikusanyabitekerezo no gutumiza inama zitunguranye ibyo bigatuma bamwe batitabira inama.

## Intara n'Umujyi wa Kigali

Intara n'Umujyi wa Kigali bifite inshingano zo guhuza ibikorwa, kugenzura, kugira inama uturere ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta, gukorera ubuvugizi uturere no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga ikorerwa mu turere turenze kamwe.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko intara zose n'Umujyi wa Kigali bikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo kandi bikanatanga inama (feedback) ku myanzuro y'Inama Njyanama z'uturere nkuko biteganywa n'itegeko. Usibye ko mu Mujyi wa Kigali guhera mu mwaka wa 2019-2020 nta Nama Njyanama z'uturere zikibaho.

Ku bijyanye no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga yambukiranya uturere, intara eshatu (3) n'Umujyi wa Kigali nibo bagaragaje raporo z'uko bikorwa mu gihe Intara y'Amajyepfo itagaragaje izo raporo. Naho ku bijyanye n'inama ziteganywa n'itegeko zihuza intara n'uturere, Intara y'Amajyaruguru niyo yonyine yagaragaje raporo z'uko yakoze inama zose ziteganywa n'itegeko mu gihe cy'imyaka itanu ishize. Ibi bikanajyana n'ibibazo byagaragaye muri izi nzego mu birebana no kubika amakuru ndetse no guhuza raporo z'ibikorwa.

## Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF)

JADF ni ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ku rwego rw'akarere rigizwe n'inzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta ikorera mu karere. Mu nshingano nyamukuru za JADF harimo guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa bigamije iterambere ry'inzego zegerejwe abaturage.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko mu myaka itanu ishize inama nyunguranabitekerezo za JADF ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali zateranye nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe mu gihe ku rwego rw'uturere, mu turere icumi (10) twagenzuwe, dutatu (3) twonyine (Musanze, Gakenke, Nyarugenge) ni two twakoze inama zose ziteganywa n'amabwiriza. Byanagaragaye ko hakiri ibibazo mu mikorere ya JADF bishingiye ku kudakurikirana no kudasuzuma ibikorwa by'abafatanyabikorwa nk'uko bikwiye ndetse no kutagira uburyo bwizewe bwo kubika amakuru.

## Imikorere n'imikoranire y'inzego mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Ingo Mbonezamikurire y'Abana Bato (Early Childhood Development-ECD)

Gahunda y'Ingo Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD) ni uruhurirane rwa serivisi zihabwa abana kuva umwana agisamwa kugeza afite imyaka itandatu (6) hagamijwe ko umwana akura mu

gihagararo, mu bwenge, mu mibanire n'abandi, mu buzima mbamutima, arindwa ibyamuhungabanya kandi uburenganzira bwe bukabungabungwa bityo akazashobora kwigirira akamaro, kukagirira umuryango ndetse n'Igihugu.[1]

Muri ubu bushakashatsi, ECD yafashwe nk'isuzuma ryihariye ku mikorere n'imikoranire y'inzego zishinzwe kuyishyira mu bikorwa. Ibyavuye mu bushakashatsi byagaragaje ko inzego zishinzwe guhuza ibikorwa by'iyi gahunda ku rwego rw'igihugu (National ECD Coordination Steering Committee, National ECD Technical Working Group) ziriho kandi zikora. Ku rwego rw'uturere, hagaragaye ko abafatanyabikorwa muri iyi gahunda badakorana uko bikwiye. Ibi bigaragazwa no kuba mu turere twagenzuwe hafi ya twose nta komite ihari ishinzwe Ingo Mbonezamikurire y'Abana Bato, abayobozi b'inzego z'ibanze badakurikirana imikorere yazo ndetse no kuba nta masezerano akorwa hagati y'ubuyobozi n'urugo mbonezamikurire mbere y'uko rutangira.

1. NCDA, Imfashanyigisho kuri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana bato, 2019.



## 1.1.4. GUSESENGURA IBYEGERANYO MPUZAMAHANGA BIVUGA KU RWANDA

Mu mwaka wa 2022-2023, RGB yasesenguye ibyavuye mu byegeranyo mpuzamahanga bitandukanye bigaragaza uko ibihugu bihagaze, hagamijwe kureba uko u Rwanda rugaragazwa n'ibyo byegeranyo mu ruhando mpuzamahanga. Ibyegeranyo byakorewe isesengura ni ibi bikurikira: *Corruption Perception Index, Global State of Democracy, Ibrahim Index of African Governance, Africa Visa Openness Index, Global Gender Gap Report, Rule of Law Index, World Press Freedom Index ndetse* na *Chandler Good Government Index.*

## 1.1.4.1. GLOBAL GENDER GAP REPORT

| UMWAKA | UMWANYA KU RWEGO RW'ISI | UMWANYA MURI AFURIKA YO MUNSI Y'UBUTAYU BWA SAHARA | Amanota |
|---|---|---|---|
| 2022 | 6 /146 | 1 | 0.811/1 |
| 2021 | 7 /156 | 2 | 0.805/1 |
| 2020 | 9 /153 | 1 | 0.791/1 |
| 2018 | 6 /149 | 1 | 0.804/1 |
| 2017 | 4 /149 | 1 | 0.822/1 |

Aho byavuye: Global Gender Gap Report

Icyegeranyo *Global Gender Gap Report* gikorwa buri mwaka na *World Economic Forum* (WEF), kigamije kwerekana uko ibihugu bihagaze ku birebana n'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore.

## 1.1.4.2. GLOBAL PEACE INDEX

| UMWAKA | UMWANYA W'U RWANDA | AMANOTA |
|---|---|---|
| 2022 | 72 /163 | 1.945/1 |
| 2021 | 83 /163 | 2.028/1 |
| 2020 | 81 /163 | 2.049/1 |
| 2019 | 79 /163 | 2.014/1 |
| 2018 | 103 /163 | 2.14/1 |

Aho byavuye: Global Peace Index

Icyegeranyo *Global Peace Index*, gikorwa na *Institute for Economics and Peace* (IEP), gipima uburyo amahoro n'umudendezo bihagaze mu bihugu 163 ku Isi, aho igipimo cya rimwe (1) aricyo cyo hejuru kurusha ibindi mu gihe igipimo cya gatanu (5) aricyo kiri hasi. Bityo, uko igihugu kigenda kigana ku gipimo cya rimwe (1) ni ko gifatwa nk'ikirangwamo amahoro n'umudendezo kurusha ibindi.

## 1.1.4.3. CORRUPTION PERCEPTION INDEX

| UMWAKA | KU RWEGO RW'ISI | UMWANYA MURI AFURIKA YO MUNSI Y'UBUTAYU BWA SAHARA | Amanota |
| --- | --- | --- | --- |
| 2022 | 54 /180 | 4 | 51% |
| 2021 | 52 /180 | 5 | 53% |
| 2020 | 49 /180 | 4 | 54% |
| 2019 | 51 /180 | 3 | 53% |
| 2018 | 48 /180 | 4 | 56% |

Aho byavuye: Corruption Perception Index

Icyegeranyo *Corruption Perception Index*, gikorwa n'umuryango *Transparency International*, kigaragaza uko abaturage babona ikibazo cya ruswa mu nzego za Leta mu bihugu 180 ku Isi.

## 1.1.4..4. AFRICA VISA OPENNESS INDEX

| UMWAKA | UMWANYA W'U RWANDA | AMANOTA |
|---|---|---|
| 2022 | 5 /53 | 0.868/1 |
| 2021 | 6 /53 | 0.868/1 |
| 2020 | 6 /54 | 0.868/1 |
| 2019 | 4 /54 | 0.864/1 |
| 2018 | 3 /54 | 0.857/1 |

Aho byavuye: Africa Visa Openness Index

Icyegeranyo *Africa Visa Openness Index*, gikorwa na Banki Nyafurika y'Iterambere, kikagaragaza uko ibihugu bya Afurika byorohereza abaturage b'ibindi bihugu bya Afurika kubyinjiramo.


## 1.1.4..5. RULE OF LAW INDEX

| UMWAKA | UMWANYA KU RWEGO RW'ISI | UMWANYA MURI AFURIKA YO MUNSI Y'UBUTAYU BWA SAHARA | AMANOTA |
|---|---|---|---|
| 2022 | 42 /104 | 1 | 0.63/1 |
| 2021 | 42 /104 | 1 | 0.62/1 |
| 2020 | 37 /128 | 2 | 0.62/1 |
| 2019 | 40 /126 | 3 | 0.61/1 |

Aho byavuye: Rule of Law Index


Icyegeranyo *Rule of Law Index*, gikorwa na *World Justice Project*, gipima iyubahirizwa ry'amategeko mu bihugu bitandukanye. Mu bipimo bisuzumwa harimo uko Leta ikoresha ububasha bwayo, kurwanya ruswa, gukorera mu mucyo, uburenganzira bw'ibanze bwa muntu, umutekano n'ituze, ubutabera mbonezamubano n'ubutabera mpanabyaha.

## VII . CHANDLER GOOD GOVERNMENT INDEX




Source: Chandler Institute of Governance

Icyegeranyo Chandler Good Governance Index gikorwa na Chandler Institute of Governance mu bihugu 104 ku Isi. Iki cyegerenyo cyibanda ku bipimo birimo ubuyobozi bufite icyerekezo, amategeko na politiki bihamye, inzego zihamye, imicungire myiza y'umutungo, korohereza ishoramari, kugira ijambo n'umubano mwiza mu ruhando mpuzamahanga no guteza imbere abaturage.




### 1.1.5. GUTANGA UBURENGANZIRA BW'IBANZE NO GUKURIKIRANA UBUSHAKASHATSI BUKORWA KU MIYOBORERE NO KU BURYO BWO KWISHAKAMO IBISUBIZO MU RWANDA

RGB yakiriye ubusabe bw'abantu bane (4) bifuzaga gukora ubushakashatsi ku miyoborere n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo. Nyuma yo gukora isuzuma, ubusabe bwa batatu (3) bwaremejwe buhabwa impushya naho umwe (1) yagiriwe inama yo gukorana n'urwego rushinzwe ibijyanye n'ubushakashatsi bwe.

# 1.2. KWANDIKISHA MU RWANDA UBURYO BWO KWISHAKAMO IBISUBIZO

RGB yakoze ibikorwa bitandukanye bigamije gusigasira, kurinda no guteza imbere uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu Rwanda. Muri uyu mwaka, RGB yashyikirije Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) ubusabe bwo kwandika ku rwego rw'igihugu gahunda ya YouthConnekt Rwanda. Iyi gahunda yiyongera ku zindi cumi n'imwe (11) zanditswe mbere ari zo: Ndi Umunyarwanda, Gacaca, Abunzi, Imihigo, Umushyikirano, Umuganda, Ubudehe, Umwiherero, Girinka, Itorero n'Abajyanama b'Ubuzima.

Ibirango bya zimwe muri gahunda zanditswe

# 1.3. KUMENYEKANISHA IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI KU MIYOBORERE




Umukuru wa RGB afungura inama yo kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC ya 2022 mu Mujyi wa Kigali, Ku wa 22 Ukuboza, 2022



Abayobozi bitabiriye inama yo kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwa CRC ya 2022 mu Mujyi wa Kigali, ku wa 22 Ukuboza 2022

## 1.3.1. IMENYEKANISHA RY'IBYAVUYE MURI CRC YA 2022

RGB yakoze imenyekanisha rya CRC ya 2022 mu ntara zose, Umujyi wa Kigali, mu turere 12 no mu nzego zihariye, hagamijwe kuganira ku byavuye muri ubu bushakashatsi no ku ngamba z'ibyagaragaye bikeneye kunozwa. Ibi biganiro byitabiriwe n'abayobozi b'intara n'ab'Umujyi wa Kigali, ab'inzego z'ibanze kuva ku mudugudu kugeza ku karere, abahagarariye inzego za Leta ku rwego rw'Igihugu, ab'inzego z'umutekano, abagize Inama Njyanama z'uturere n'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ku rwego rw'uturere (JADF). Nyuma yo gutangarizwa ibyavuye muri CRC ya 2022, abitabiriye inama bafashe ingamba zo gushyira imbaraga ahagiye hagaragara intege nke no gukomeza gusigasira ibyagezweho.




RGS

## 1.3.2. GUTANGAZA IGIPIMO CY'IMIYOBORERE MU RWANDA (RWANDA GOVERNANCE SCORECARD)


RGB yatangaje ku mugaragaro ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'Imiyoborere mu Rwanda ku nshuro ya 9 (RGS 9th Edition). Iki gikorwa cyitabiriwe n'abayobozi mu nzego za Leta zitandukanye, abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda, abashakashatsi n'impuguke mu miyoborere n'iterambere. Abitabiriye ibi biganiro bagaragarijwe uko ibipimo by'imiyoborere mu Rwanda bihagaze banungurana ibitekerezo ku ngamba zikwiye gufatwa kugira ngo ibipimo bikiri hasi bishobore kuzamuka.




*Bamwe mu bitabiriye umuhango wo gutangaza ibyagaragajwe na RGS ya 9, ku wa 14 Ukwakira, 2022*




*Umukuru wa RGB amurika ibyavuye mu bushakashatsi ku bipimo by'imiyoborere mu Rwanda, ku wa 14 Ukwakira, 2022*



# 1.4. IMITANGIRE YA SERIVISI, KWIMAKAZA IMIYOBORERE MYIZA N’IHURIRO RY’ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE

Ku bijyanye n’imitangire ya serivisi, hari hateganyijwe ikurikiranwa ry’ishyirwa mu bikorwa ry’ibipimo fatizo, gutanga ibiganiro ku mitangire ya serivisi, isuzuma ry’imitangire ya serivisi mu rwego rw’ubuzima, isuzuma ry’iteganyabikorwa rigamije kunoza imitangire ya serivisi  no gukora ubukangurambaga binyuze muri gahunda ya “Nk’uwikorera”.

Ku birebana n’imiyoborere hari hateganyijwe gukurikirana no guhuza ibikorwa by’amarushanwa “Umurenge Kagame Cup”, ubukangurambaga ku miyoborere, imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw’abaturage binyuze muri gahunda “Imiyoborere Twifuza”; gukurikirana ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho (PR-PL); no guhuza ibikorwa by’Ihuriro ry’Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF).

## 1.4.1. GUKURIKIRANA ISHYIRWA MU BIKORWA RY’IBIPIMO FATIZO BY’IMITANGIRE YA SERIVISI (QUALITY SERVICE DELIVERY STANDARDS)

Ku bufatanye bwa RGB n’izindi nzego zirimo MIFOTRA, MINALOC, RDB, RSB na NPSC, hashyizweho ibipimo fatizo birindwi (7) bifasha buri rwego rutanga serivisi gushyiraho ibipimo byihariye bijyanye na serivisi rutanga ndetse no guhora rwisuzuma hagamijwe kunoza imitangire ya serivisi. Ibyo bipimo birindwi byashyizweho binifashishwa mu igenzura ry’imitangire ya serivisi ni ibi bikurikira: Gutanga serivisi ku gihe, Kubahiriza amabwiriza y’imitangire ya serivisi, Korohereza abasaba serivisi kuzigeraho, Uburyo bunoze bwo gusubiza ibibazo by’abakugana, Kwita ku bakugana, Ubushobozi no kwizerwa by’utanga serivisi n’Ibikoresho n’ibikorwaremezo.

Mu rwego rwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’ibipimo byavuzwe haruguru, mu mwaka wa 2022-2023, hakozwe isuzuma mu bigo bya Leta cumi na bitanu (15),  muri byo birindwi (7) gusa nibyo byatanze raporo z’ibyakozwe. Muri ibi bigo birindwi,  bitanu (5) nibyo byatanze raporo z’ibyakozwe ku bipimo byose uko ari birindwi (7).

## 1.4.2. GUTANGA IBIGANIRO KU MITANGIRE YA SERIVISI

RGB yatanze ibiganiro ku mitangire ya serivisi ku bayobozi n’abakozi banyuranye mu ntara zose n’Umujyi wa Kigali. Ibi byakozwe mu rwego rwo kubongerera ubumenyi ku mahame y’imitangire ya serivisi no kubakangurira kuyashyira mu bikorwa kugira ngo serivisi zirusheho kunoga no kunyura abo zigenewe. Ibiganiro byitabiriwe n’abaturutse mu nzego za Leta, iz’abikorera n’imiryango itari iya Leta.

### Imbonerahamwe ya 5: Ibiganiro ku mitangire ya serivisi

| AHO IBIGANIRO BYABEREYE | IBYICIRO N'UMUBARE W'ABITABIRIYE IBIGANIRO |
|---|---|
| • Umujyi wa Kigali | Abakora mu birebana n'imibereho myiza, imiyoborere, iterambere ry'ubukungu, imirimo rusange, ibikorwa remezo, igenamigambi ry'imijyi, abashinzwe ubugenzuzi mu Mujyi wa Kigali, uturere n'imirenge, abakozi bashinzwe guhuza ibikorwa bya JADF mu turere tugize Umujyi wa Kigali, ndetse n'abahagarariye Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF) mu Mujyi wa Kigali. Abitabiriye bose bari 715. |
| • Ku rwego rw'intara | Abayobozi n'abakozi bo ku rwego rw'akarere, abahagarariye inzego z'umutekano, abahagarariye Inama Njyanama ku rwego rw'akarere n'umurenge, abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge n'ab'utugari, abakuriye inzego z'urubyiruko n'abagore hamwe n'abahagarariye Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF) mu ntara. Abitabiriye mu ntara zose bari 798. |
| • Mu Turere twa: Muhanga, Huye, Gatsibo, Nyamagabe, Nyamasheke na Nyagatare. | Abayobozi b'uturere, abagize Inama Njyanama z'uturere, abahagarariye inzego z'umutekano, abashinzwe imiyoborere myiza mu turere, abahagarariye amadini n'amatorero, abayobozi b'Amahuriro y'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF), abahagarariye abikorera, abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge, abahagarariye inzego z'abagore, iz'urubyiruko n'iz'abafite ubumuga. Abitabiriye muri utu turere bose bari 2125. |

## 1.4.3. ISUZUMA RY'IMITANGIRE YA SERIVISI MU RWEGO RW'UBUZIMA

Mu mwaka wa 2022-2023, RGB yakoze isuzuma ry'imitangire ya serivisi mu mavuriro n'ibigo by'ubwishingizi bwo kwivuza nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 6: Amavuriro n'ibigo by'ubwishingizi byakoreweho isuzuma ry'imitangire ya serivisi**


| No | ICYICIRO | UMUBARE W'AMAVURIRO N'IBIGO BY'UBWISHINGIZI BYAGENZUWE | | |
|---|---|---|---|---|
| | | IBYA LETA | IBIFASHWA NA LETA | IBYIGENGA |
| 1. | Ibitaro | 10 | 5 | 3 |
| 2. | Ibigo nderabuzima | 13 | 8 | - |
| 3. | Amavuriro (Polyclinics, clinics, Dispensaries) | - | - | 17 |
| 4. | Amavuriro y'ibanze (Health posts) | 32 | - | - |
| 5. | Ibigo by'ubwishingizi | 3 | - | 6 |

Aho byavuye: Service Delivery Monitoring Report, RGB, 2023

Iri suzuma ryakozwe mu turere cumi na tune (14) hifashishijwe ibipimo bikurikira: Kwihutisha serivisi, Ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi, Ibikoresho n'ibikorwaremezo, Kwita ku bakugana no Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi. Muri iri suzuma, habajijwe abantu 457 basabye serivisi mu nzego zagenzuwe, hagamijwe kureba ireme ry'imitangire ya serivisi z'ubuzima.

Isuzuma ryagaragaje ko muri rusange imitangire ya serivisi mu rwego rw'ubuzima ishimwa ku kigero cya 72.32% mu nzego zagenzuwe. Ishusho ikurikira igaragaza uko abahawe serivisi z'ubuvuzi bazishima.

**Ishusho ya 3: Uko serivisi z'ubuvuzi mu mavuriro n'ibigo by'ubwishingizi zishimwa**




Aho byavuye: Service Delivery Monitoring Report, RGB, 2023

Nk'uko bigaragara mu ishusho iri hejuru, serivisi z'amavuriro yigenga nizo zishimwa ku kigero cyo hejuru naho iz'amavuriro y'ibanze (health posts) zigashimwa ku kigero cyo hasi. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza mu buryo burambuye ibyavuye mu igenzura hashingiwe ku bipimo by'imitangire ya serivisi.

### Imbonerahamwe ya 7: Ibyavuye mu isuzuma ku mitangire ya serivisi mu rwego rw'ubuzima

| IBYICIRO | IBIPIMO | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Kwihutisha serivisi (%) | Ubushobozi no kwizerwa by'utanga serivisi (%) | Ibikoresho n'ibikorwaremezo (%) | Kwita ku bakugana (%) | Kubahiriza amabwiriza y'imitangire ya serivisi (%) | Ikigero cy'imitangire ya serivisi kuri buri cyiciro (%) |
| Amavuriro ya Leta | 64.38 | 97.45 | 73.09 | 72.62 | 61.2 | 72.72 |
| Amavuriro afashwa na leta | 70.79 | 96.45 | 80.49 | 66.67 | 64.98 | 75.31 |
| Amavuriro mato (Health posts) | 69.88 | 94.62 | 51.92 | 70.81 | 53.55 | 68.19 |
| Amavuriro yigenga | 78.55 | 98.21 | 82.2 | 71.6 | 75.64 | 81.26 |
| Ibigo by'ubwinshingizi bya Leta | 64.3 | 81.53 | 67.42 | 63.76 | 73.54 | 70.44 |
| Ibigo by'ubwishingizi byigenga | 81.82 | 90.91 | 85.45 | 61.9 | 76.09 | 79.76 |
| Ikigero cy'imitangire ya serivisi kuri buri gipimo mu rwego rw'ubuzima | 67.98 | 89.26 | 72.83 | 68.69 | 64.58 | |

Aho byavuye: Service Delivery Monitoring Report, RGB, 2023

### Ibisobanuro by'amabara

| Amanota | Amabara |
|---|---|
| **[80-100%]** | **Icyatsi kibisi** |
| **[60-80%[** | **Umuhondo** |
| **[40-60%[** | **Umuhemba** |
| **[0-40%[** | **Umutuku** |

## 1.4.4. UBUKANGURAMBAGA KU MITANGIRE YA SERIVISI BINYUZE MURI GAHUNDA YA "NK'UWIKORERA"

Mu rwego rw'ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi, RGB yifashishije gahunda ya "Nk'uwikorera" hibandwa ku kuzamura ubumenyi bw'abatanga serivisi n'abayihabwa, basobanurirwa uruhare n'akamaro imitangire ya serivisi inoze ifite mu iterambere ry'Igihugu. Ubu bukangurambaga bwakozwe hifashishijwe uburyo bw'iyamamaza mu bitangazamakuru ndetse n'ibiganiro bitandukanye kuri KT Radio, Televiziyo y'u Rwanda na Igihe.com.

# 1.5. GUTEZA IMBERE AMAHAME Y'IMIYOBORERE MYIZA NO GUHUZA IBIKORWA BYA JADF

## 1.5.1. GUHUZA IBIKORWA NO GUKURIKIRANA AMARUSHANWA "UMURENGE KAGAME CUP 2023"

Mu rwego rwo kwimakaza imiyoborere myiza, Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rufatanyije na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisiteri ya Siporo, Intara n'Umujyi wa Kigali, uturere n'imirenge buri mwaka bategura amarushanwa y'imiyoborere myiza yitwa "Umurenge Kagame Cup". Amarushanwa yo muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023 yitabiriwe n'amakipe y'abagabo n'abagore mu mikino ikurikira: umupira w'amaguru, Sit-Ball, Volleyball, Basketball, gusiganwa ku magare, gusiganwa ku maguru, gusimbuka urukiramende no kubuguza.

Amarushanwa y'Umurenge Kagame Cup agamije: guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza binyuze muri siporo, kuzamura imibereho myiza y'abaturage, guteza imbere impano z'abaturage cyane cyane urubyiruko, gukangurira abaturage kwitabira gahunda zibateza imbere, guteza imbere ubufatanye no kwigiranaho mu nzego z'ibanze.

Muri uyu mwaka, aya marushanwa yari afite insanganyamatsiko igira iti: "Duteze imbere imikino twimakaza imiyoborere myiza". Ubutumwa bwatanzwe muri aya marushanwa bwibanze ku gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa, kunoza imitangire ya serivisi, gukangurira urubyiruko guteza impano zabo no kwirinda ingeso mbi zirimo ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, ubusinzi n'izindi ngeso mbi bibabuza kwiteza imbere. Abahize abandi muri aya marushanwa bahawe ibihembo birimo amafaranga, imidari, ibikombe n'imipira yo gukina. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza amakipe n'abantu ku giti cyabo begukanye imyanya ya mbere mu mikino itandukanye.

Imbonerahamwe ya 8: Amakipe n'abantu bahize abandi mu marushanwa "Umurenge Kagame Cup"













| ICYICIRO CY'ABAPIGANWE MU MAKIPE | | |
|---|---|---|
| **UMUKINO** | **UMURENGE WEGUKANYE UMWANYA WA MBERE** | **AKARERE** |
| Football/Abagabo | Nyarugenge | Nyarugenge |
| Football /Abagore | Murunda | Rutsiro |
| Volleyball / Abagabo | Kacyiru | Gasabo |
| Volleyball / Abagore | Byumba | Gicumbi |
| Sit-ball / Abagabo | Gisenyi | Rubavu |
| Sit-ball / Abagore | Kibungo | Ngoma |
| Basketball / Abagabo | Muhoza | Musanze |
| Basketball / Abagore | Muhoza | Musanze |

| ICYICIRO CY'ABAPIGANWE UMUNTU KU GITI CYE | | | |
|---|---|---|---|
| **UMUKINO** | **UWEGUKANYE UMWANYA WA MBERE** | **UMURENGE** | **AKARERE** |
| **GUSIGANWA KU MAGURU** | | | |
| Abagabo- 15km | NTIRENGANYA Fidele | Gishubi | Gisagara |
| Abagore- 10km | NIYONSHIMA Zakiya | Base | Rulindo |
| Abagabo - 1500m | NIYIBIZI Emmanuel | Cyuve | Musanze |
| Abagore - 1500m | NIYOMUGISHA Diane | Bushenge | Nyamasheke |
| Abagabo – 400m | ISHIMWE Noe | Kanjongo | Nyamasheke |
| Abagore – 400m | NIYOMUGISHA Diane | Bushenge | Nyamasheke |
| Abagabo – 100m | ISHIMWE Noe | Kanjongo | Nyamasheke |
| Abagore - 100m | MUKASHYAKA Placidie | Minazi | Gakenke |
| **GUSIGANWA KU MAGARE** | | | |
| Abagabo -35km | MANIRUMVA Elisa | Ntarama | Bugesera |
| Abagore - 30km | UWIMBABAZI Liliane | Nkotsi | Musanze |
| **GUSIMBUKA URUKIRAMENDE** | | | |
| Abagabo | BIZIMANA NICOLAS | Kanjongo | Nyamasheke |
| Abagore | UWAMARIYA Solange | Kanjongo | Nyamasheke |
| **KUBUGUZA** | | | |
| Abagabo | SHUKURU Hassan | Bugarama | Rusizi |
| Abagore | DUSABEMARIYA Immaculee | Rilima | Bugesera |




*Abayobozi batandukanye bitabiriye imikino ya nyuma y'Umurenge Kagame Cup, ku wa 25 Kamena, 2023*




*Minisitiri w'ubutegetsi bw'Igihugu ashyikiriza igikombe kapiteni w'ikipe y'Umurenge wa Murunda/ Rutsiro yegukanye umwanya wa mbere mu mupira w'amaguru w'abagore*




*Umukuru wa RGB ashyikiriza igikombe kapiteni w'ikipe y'Umurenge wa Nyarugenge yegukanye umwanya wa mbere mu mupira w'amaguru/abagabo*








*Imwe mu mikino yakinwe mu marushanwa Umurenge Kagame Cup*

## 1.5.2. UBUKANGURAMBAGA KU MIYOBORERE, IMITANGIRE YA SERIVISI NO KUZAMURA URUHARE RW'ABATURAGE BINYUZE MURI GAHUNDA "IMIYOBORERE TWIFUZA"

Muri uyu mwaka, hakozwe ibiganiro bitandukanye ku miyoborere myiza n'imitangire ya serivisi inoze byibanze ku byiciro bikurikira: ubukangurambaga mu baturage, urubyiruko rw'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye, amashuri makuru na kaminuza.

### 1.5.2.1 UBUKANGURAMBAGA MU BATURAGE

Muri gahunda y'Imiyoborere Twifuza hakozwe ibiganiro bigamije gukangurira abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa no mu gukemura ibibazo bibangamiye iterambere ryabo ndetse no kubibutsa ko nabo bafite uburengenzira n'uruhare kuri serivisi inoze.

Ibi biganiro kandi byari bigamije gukangurira abayobozi guha umuturage umwanya ukwiye mu igenamigambi no mu ishyirwa mu bikorwa n'ikurikiranabikorwa rya gahunda zimugenewe.
Ibi biganiro byanyujijwe kuri KT Radio, kuri Televiziyo y'u Rwanda no mu nama z'abaturgage mu Mirenge ya Busasamana mu Karere ka Nyanza, Masaka mu Karere ka Kicukiro na Kanyinya mu Karere ka Nyarugenge.

### 1.5.2.2 IBIGANIRO N'URUBYIRUKO RWIGA MU MASHURI YISUMBUYE, AMASHURI MAKURU NA KAMINUZA

Ku bufatanye n'Ihuriro ry'Imiryango Nyarwanda Itari iya Leta, RGB yagiranye ibiganiro n'urubyiruko ruhagarariye abandi rwibumbiye muri clubs z'imiyoborere (Good Governance Clubs) mu mashuri yisumbuye, amashuri makuru na kaminuza mu rwego rwo kubashishikariza kugira uruhare mu kubaka umuco w'amahoro (peace building), kwimakaza imiyoborere myiza, imitangire ya serivisi inoze n'uruhare rwabo mu kwihutisha iterambere.

Ibiganiro byo mu mashuri makuru na kaminuza byatewe inkunga na UNDP, byitabirwa n'abayobozi b'abanyeshuri hamwe n'abagize *clubs* z'imiyoborere baturutse mu mashuri makuru na kaminuza atanu (5). Urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye atanu rwaherewe ibiganiro mu bigo bigamo. Nyuma y'ibyo ibiganiro, urubyiruko rwiyemeje gukangurira bagenzi babo kurushaho kwimakaza amahame y'imiyoborere myiza, kunoza imitangire ya serivisi no kugira uruhare mu iterambere muri rusange.

## 1.5.3. GUHUZA IBIKORWA BYA GAHUNDA YO KWIGENZURA NO KWIGIRANAHO (PEER REVIEW AND PEER LEARNING)

Gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho, igamije kunoza imitangire ya serivisi n'imicungire y'umutungo mu bigo bya Leta bitagenerwa ingengo y'imari n'itegeko (Non-budget agencies), birimo imirenge, utugari, ibigo nderabuzima, amashuri abanza n'ay'isumbuye. Iyi gahunda ikorerwa ku rwego rw'umurenge, ikibanda ku nkingi enye ari zo: aho gukorera haboneye, imitangire ya serivisi, imicungire y'imari n'umutungo wa Leta n'imicungire ya gahunda za Leta zigamije guhindura imibereho y'abaturage.

Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda rigirwamo uruhare n'inzego zitandukanye. RGB ishinzwe gufasha mu kubaka ubushobozi bw'inzego zirebwa n'iyi gahunda, gushyiraho imirongo ngenderwaho mu bikwiye kwibandwaho mu gukora igenzura no gukurikirana ku rwego rw'igihugu

ibikorwa no gukora isuzuma ry'iyi gahunda. RGB ishinzwe kandi kwakira no guhuza raporo zivuye ku ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse no gutanga inama ku bikwiye kunozwa.

Ku bijyanye no kubaka ubushobozi, itsinda ry'abakozi ba RGB n'aba MINALOC, bahuguye abakozi bashinzwe gukurikirana iyi gahunda ku rwego rw'intara/Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'uturere ku mabwiriza avuguruye agenga imikorere y'iyi gahunda no ku buryo bwo kunoza raporo.

Ku bijyanye n'inshingano yo gukurikirana ibikorwa, gukora isuzuma ry'iyi gahunda no guhuza raporo zivuye ku ntara n'Umujyi wa Kigali, RGB yakiriye gahunda na raporo z'ibikorwa byo kwigenzura no kwigiranaho byateguwe n'intara n'Umujyi wa Kigali.Abakozi ba RGB bakoranye n'ab'Intara y'Amajyaruguru n'iy'Iburasirazuba mu gusesengura raporo zavuye mu turere. Nyuma yo kwakira raporo z'intara n'Umujyi wa Kigali, RGB yarazisesenguye ivanamo raporo y'umwaka igaragaza ibyakozwe muri iyi gahunda, inatanga inama z'ibikeneye kunozwa.

### 1.5.3.1. INKINGI ZASUZUMWE MURI GAHUNDA YO KWIGENZURA NO KWIGIRANAHO MU NTARA N'UMUJYI WA KIGALI

Muri iyi gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho hasuzumwe inkingi zikurikira mu ntara n'Umujyi wa Kigali.

- **Aho gukorera haboneye** : Muri iyi nkingi hasuzumwa isuku, umutekano w'ahakorerwa, ibimenyetso ndangahantu, aho ibinyabiziga bihagarara, aho gukorera n'aho kwicara, aho abasaba serivisi bategerereza, kugira amashanyarazi n'ibikoresho by'ikoranabuhanga, ubwishingizi bw'inyubako, inzira z'abafite ubumuga, ibigega bifata amazi ava ku nzu, imiterere y'ibiro byo gukoreramo, kizimyamoto n'abarinda umutekano, gusana no gufata neza inyubako za Leta.

- **Imitangire ya serivisi muri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho:** Muri iyi nkingi hasuzumwa uburyo abagana urwego bakirwa, amahame n'amabwiriza agenga itangwa rya serivisi, igihe bitwara ngo usaba serivisi ayibone, imihigo y'ikigo, n'uburyo bufasha abaturage kugaragaza uko babona imitangire ya serivisi.

- **Imicungire y'imari n'umutungo bya Leta:** Muri iyi nkingi hasuzumwa uburyo igenamigambi n'ingengo y'imari bitegurwa, uburyo urwego rwishakira umutungo bwite n'uturuka ahandi, imikoreshereze y'amafaranga, imitangire y'amasoko, ibitabo na raporo by'ibaruramari, imicungire y'ibikoresho, imicungire y'abakozi, imincungire y'imitungo yimukanwa n'itimukanwa n'imikorere y'utunama tw'amasoko.

- **Imicungire ya gahunda zigamije kuzamura imibereho y'abaturage:** Muri iyi nkingi hasuzumwa ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Girinka, Ubudehe, VUP n'Ubwisungane mu kwivuza.

# 1.5.3.2 INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU IGENZURA MU NTARA Y'AMAJYEPFO




Mu Ntara y'Amajyepfo ubugenzuzi bwakorewe mu nkingi zose uko ari enye mu bigo (NBAs) 1194 birimo ibigo nderabuzima 156, imirenge 101, amashuri 930 n'ibitaro birindwi (7). Ibyavuye mu igenzura bigaragara mu mbonerahamwe zikurikira.

**Imbonerahamwe ya 9: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Amajyepfo ku birebana n'aho gukorera haboneye**

| ICYAGENZUWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Imbago z'ubutaka | 917 | 76.8% | 277 | 23.2% |
| Uruzitiro | 920 | 77.1% | 274 | 22.9% |
| Inzira z'abafite ubumuga | 877 | 73.5% | 317 | 26.5% |
| Ibimenyetso ndangahantu | 1034 | 86.6% | 160 | 13.4% |
| Murandasi (Internet) | 996 | 83.4% | 198 | 16.6% |
| Ibiro by'abakozi biboneye | 798 | 66.8% | 396 | 33.2% |
| Inyubako zishaje | 954 | 79.9% | 240 | 20.1% |
| Kizimyamoto | 577 | 48.3% | 617 | 51.7% |
| Ubwishingizi bw'inyubako (Inkongi y'umuriro) | 250 | 20.9% | 944 | 79.1% |
| Imirindankuba | 592 | 49.6% | 602 | 50.4% |
| Ibibuga by'imikino ku mashuri | 869 | 72.8% | 325 | 27.2% |

Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Amajyepfo kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

### Imbonerahamwe ya 10 : Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Amajyepfo ku birebana n'imitangire ya serivisi

| ICYAGENZUWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Aho kwakirira abasaba serivisi haboneye | 811 | 67.9% | 383 | 32.1% |
| Inyandiko y'ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 755 | 63.2% | 439 | 36.8% |
| Gutanga amakuru kuri serivisi zasabwe (feedback) | 753 | 63.1% | 441 | 36.9% |
| Kwakira abasaba serivise (Customer care) | 836 | 70.0% | 358 | 30.0% |
| Imihigo y'ibigo | 779 | 65.2% | 415 | 34.8% |

Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Amajyepfo kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

### Imbonerahamwe ya 11: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Amajyepfo ku birebana n'imicungire y'umutungo

| ICYAGENZUWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Gahunda y'ibikorwa | 1010 | 84.6% | 184 | 15.4% |
| Gukora raporo y'imari hifashishijwe ikoranabuhanga (software) ryabugenewe | 827 | 71.7% | 367 | 30.7% |
| Ibitabo byanditsemo umutungo (Property registers) | 1070 | 87.9% | 124 | 10.4% |
| Kuzuza ibitabo by'ububilo (stock) | 1007 | 82.7% | 187 | 15.7% |
| Gukoresha inyandiko zisohora amafaranga (Purchase order) | 418 | 47.2% | 776 | 65.0% |
| Gukoresha inyandiko zisaba ibikoresho (Requisition form) | 948 | 79.4% | 246 | 20.6% |
| Gutegura gahunda y'amasoko | 980 | 81.3% | 214 | 17.9% |
| Kubahiriza gahunda y'amasoko | 865 | 69.3% | 329 | 27.6% |
| Akanama gatanga amasoko | 1019 | 82.6% | 175 | 14.7% |
| Gukata imisoro ya RRA: 13%,15%,18% | 767 | 61.7% | 427 | 35.8% |
| Guhembera abakozi ku makonti no gukata imisoro | 699 | 59.6% | 495 | 41.5% |

Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Amajyepfo kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

Ibibazo byagaragajwe n'igenzura bikeneye kwitabwaho mu Ntara y'Amajyepfo harimo inyubako zidafite ubwishingizi bw'inkongi y'umuriro (79.1%), inyubako zidafite kizimyamoto (51.7%), kudakoresha inyandiko zisohora amafaranga (Purchase order) (65%), kudahembera abakozi ku makonti no kudakata imisoro (40.4%), kutagira inyandiko y'ibigenderwaho mu gutanga serivisi (41.5%) n'ibigo bidafite imihigo (41.5%)

NBAs zo mu Ntara y'amajyepfo zifitiwe imyenda (receivables) ya 1,881,845,789 z'amafaranga y'u Rwanda mu gihe zo zifite imyenda (payables) ya 2,675,094,333 z'amafaranga y'u Rwanda. By'umwihariko, NBAs zo mu Karere ka Ruhango zakoresheje amafaranga atarabonewe ibisobanuro (supporting documents) agera kuri 2,217,652,027 z'amafaranga y'u Rwanda.

### 1.5.3.3 INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU IGENZURA MU NTARA Y'IBURENGERAZUBA

Mu Ntara y'Iburengerazuba ubugenzuzi bwakorewe ku nkingi yo kunoza imicungire ya gahunda za Leta zigamije guhindura imibereho y'abaturage hibandwa ku ishami ryayo ryo gutanga inguzanyo ku mishinga y'abaturage mu mirenge yose igize intara uko ari 96. Ubugenzuzi bwarebye inguzanyo zose zatanzwe mu gihe cy'imyaka 13 (2009-2022) maze hasuzumwa inguzanyo zishyuwe n'izakerewe kwishyurwa.

**Imbonerahamwe ya 12: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y' Iburengerazuba ku birebana n'aho gukorera haboneye**

| ICYAGENZUWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Uruzitiro ku nyubako y'umurenge | 76 | 79.16% | 20 | 20.8% |
| Imbago z'ubutaka bw'umurenge | 90 | 93.75% | 6 | 6.25% |
| Ibiro by'abakozi biboneye | 45 | 46.87% | 51 | 51.5% |
| Kizimyamoto kandi zikora | 50 | 52.08% | 46 | 47.9% |
| Ubwishingizi bw'inyubako (Inkongi y'umuriro) | 81 | 84.37% | 15 | 15.6% |
| Inyubako zishaje | 78 | 81.25% | 18 | 18.75% |


Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Iburengerazuba kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

### Imbonerahamwe ya 13: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Iburengerazuba ku birebana n'imitangire ya serivisi

| ICYAGENZUWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Umukozi wakira abasaba inguzanyo wahuguwe | 90 | 94% | 6 | 6% |
| Kubahiriza iminsi yo gusubiza uwasabye inguzanyo | 72 | 75% | 24 | 25% |
| Impamvu zatuma uwasabye inguzanyo atayibona zirazwi | 49 | 51% | 47 | 49% |
| Komite y'umurenge ikurikirana inguzanyo zatanzwe | 65 | 68% | 31 | 32% |
| Ku murenge hari amabwiriza agenga gutanga inguzanyo | 96 | 100% | 0 | 0% |
| Urutonde rw'imishinga yasabiwe inguzanyo | 39 | 41% | 57 | 59% |
| Abatemerewe inguzanyo babimenyeshwa ku gihe | 54 | 56% | 42 | 44% |
| Abahawe inguzanyo bahuguwe kuri raporo basabwa | 60 | 63% | 36 | 38% |
| Abahawe inguzanyo ibikorwa byabo birasurwa | 84 | 88% | 12 | 13% |
| Inguzanyo zemezwa na komite zibishinzwe | 96 | 100% | 0 | 0% |
| Abahawe inguzanyo bafite amasezerano | 94 | 98% | 2 | 2% |
| Umurenge utanga raporo y'inguzanyo ku karere | 87 | 91% | 9 | 9% |

Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Iburengerazuba kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023


### Ishusho ya 4: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Iburengerazuba ku birebana no kwishyura inguzanyo za VUP 2009-2022




Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Iburengerazuba kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

Ibibazo byagaragajwe n'igenzura bikeneye kwitabwaho mu Ntara y'Iburengerazuba harimo aho gukorera hataboneye (51.5%), inyubako zidafite kizimyamoto (47.9%), kudaha ibisobanuro abatahawe inguzanyo muri VUP (49%), kutabika neza urutonde rw'imishinga yasabiwe inguzanyo, (59%) kudahugura abahawe inguzanyo ku buryo bwo gukora raporo (38%) no kutagira ingamba zihamye zo kwishyuza inguzanyo zatanzwe muri VUP.

## 1.5.3.4 INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU IGENZURA MU NTARA Y'AMAJYARUGURU




Mu Ntara y'Amajyaruguru hagenzuwe ibigo 908 birimo ibigo nderabuzima 103, amashuri 716 n'imirenge 89. Ibyavuye mu igenzura bigaragara mu mbonerahamwe zikurikira:

**Imbonerahamwe ya 14: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Amajyaruguru ku birebana n'aho gukorera haboneye**

| ICYAGENZUWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Imbago z'ubutaka | 757 | 83.4% | 151 | 16.6% |
| Uruzitiro | 527 | 58.0% | 362 | 39.9% |
| Inzira z'abafite ubumuga | 604 | 66.5% | 304 | 33.5% |
| Parikingi | 564 | 62.1% | 344 | 37.9% |
| Ibimenyetso ndangahantu | 748 | 82.4% | 160 | 17.6% |
| Ibikoresho byo mu biro | 442 | 48.7% | 466 | 51.3% |
| Inyubako zishaje | 651 | 71.7% | 257 | 28.3% |
| Ubwishingizi bw'inyubako (Inkongi y'umuriro) | 251 | 27.6% | 657 | 72.4% |
| Kizimyamoto | 435 | 47.9% | 473 | 52.1% |
| Imirindankuba | 442 | 48.7% | 466 | 51.3% |

Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Amajyaruguru kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

**Imbonerahamwe ya 15: Ibyagaragajwe n'isuzuma mu Ntara y'Amajyaruguru ku birebana n'imitangire ya serivisi**

| ICYASUZUMWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Aho kwakirira ababagana haboneye | 692 | 76.2% | 216 | 23.8% |
| Inyandiko y'ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 599 | 66.0% | 309 | 34.0% |
| Gutanga amakuru kuri serivisi zasabwe (feedback) | 625 | 68.8% | 283 | 31.2% |
| Ishyinguranyandiko | 844 | 93.0% | 64 | 7.0% |
| Ibibuga by'imikino ku mashuri | 487 | 68.1% | 229 | 31.9% |
| Amabwiriza y'imicungire ya "Capitation grant" | 481 | 67.2% | 234 | 32.8% |
| Isomero ku mashuri | 414 | 57.8% | 302 | 42.2% |

Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Amajyaruguru kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023


**Imbonerahamwe ya 16: Ibyagaragajwe n'isuzuma mu Ntara y'Amajyaruguru ku birebana n'imicungire y'umutungo**

| IBYASUZUMWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Inyandiko z'imikoreshereze y'amafaranga | 870 | 95.8% | 38 | 4.2% |
| Raporo y'imari muri software yabugenewe | 869 | 95.7% | 39 | 4.3% |
| Gukata imisoro ya RRA | 793 | 87.3% | 115 | 12.7% |
| Guhugura akanama gashinzwe amasoko | 493 | 54.3% | 415 | 45.7% |
| Raporo y'ububiko (stock) | 694 | 76.4% | 214 | 23.6% |

Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Amajyaruguru kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-202

Raporo y'Intara y'Amajyaruguru igaragaza ko ibibazo bikeneye kwitabwaho birimo inyubako zidafite ubwishingizi bw'inkongi z'umuriro (72.4%), izidafite kizimyamoto (52.1%) n'izidafite imirindankuba (51.3%), amashuri adafite isomero (42.2%), amashuri adafite ibibuga by'imikino (31.9%) no kudahugura abagize utunama tw'amasoko (45.7%).

## 1.5.3.5 IBYAVUYE MU IGENZURA MU NTARA Y'IBURASIRAZUBA




Mu Ntara y'Iburasirazuba hagenzuwe ibigo 1154, birimo ibigo nderabuzima 140, ibitaro 8 amashuri 921 n'imirenge 95. Ibyavuye mu bugenzuzi bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

### Imbonerahamwe ya 17: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Iburasirazuba ku birebana n'aho gukorera haboneye

| ICYAGENZUWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Imbago z'ubutaka | 771 | 66.8% | 383 | 33.2% |
| Inzira z'abafite ubumuga | 928 | 80.4% | 226 | 19.6% |
| Ibibuga by'imikino ku mashuri | 557 | 48.3% | 597 | 51.7% |
| Amasomero ku mashuri | 878 | 76.1% | 276 | 23.9% |
| Kizimyamoto ku nyubako | 667 | 57.8% | 487 | 46.2% |
| Uburinzi bw'imitungo | 1002 | 86.8% | 152 | 13.2% |
| Ubwishingizi bw'inyubako (Inkongi y'umuriro) | 109 | 9.5% | 1,045 | 90.5% |
| Imirindankuba | 499 | 43.2% | 655 | 56.8% |
| Icyumba cy'umukobwa ku mashuri | 977 | 84.7% | 177 | 15.3% |


Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Iburasirazuba kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

### Imbonerahamwe ya 18: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Iburasirazuba ku birebana n'imitangire ya serivisi

| ICYAGENZUWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Aho kwakirira ababagana haboneye | 873 | 84.6% | 281 | 24.4% |
| Inyandiko y'ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 522 | 45.3% | 632 | 54.7% |
| Gutanga amakuru kuri serivisi zasabwe (feedback) | 698 | 60.5% | 456 | 39.5% |
| Ishyinguranyandiko | 850 | 73.7% | 245 | 26.3% |
| Amabwiriza y'imicungire ya "Capitation grant" | 679 | 73.7% | 242 | 26.3% |
| Gukora igenzura ry'imyigishirize | 807 | 87.6% | 121 | 12.4% |

Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Iburasirazuba kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

**Ishusho ya 5: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Ntara y'Iburasirazuba ku birebana no kwishyura inguzanyo za VUP 2019-2022**





Aho byavuye: Raporo y'Intara y'Iburasirazuba kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

Iyi shusho igaragaza ko mu gihe cy'imyaka 3 (2019-2022) kwishyura inguzanyo zitangwa mu rwego rwa VUP byakozwe ku kigero cya 60%, inguzanyo ziri mu bukererwe ziri ku kigero cya 40%, mu gihe 21.4% by'amafaranga yagenewe inguzanyo atahawe abagenerwabikorwa.

Ibibazo byagaragajwe n'igenzura bikeneye kwitabwaho mu Ntara y'Iburasirazuba harimo inyubako zidafite ubwishingizi bw'inkongi y'umuriro (90.5%), inyubako zidafite kizimyamoto (46.2%), ibigo bidafite inyandiko y'ibigenderwaho mu gutanga serivisi (54.7%) amashuri atagira ibibuga by'imikino (51.7%) imirenge itagira imbago z'ubutaka (33.2%) no kudatanga amakuru kuri serivisi zasabwe (feedback) (39.5%).

## 1.5.3.6 INCAMAKE Y'IBYAVUYE MU IGENZURA MU MUJYI WA KIGALI




Mu Mujyi wa Kigali hagenzuwe ibigo 92, birimo ibigo nderabuzima 30, amashuri 38 n'imirenge 24. Ibyavuye mu bugenzuzi bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

### Imbonerahamwe ya 19: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Mujyi wa Kigali ku birebana n'aho gukorera haboneye

| ICYAGENZUWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Imbago z'ubutaka | 87 | 94.6% | 5 | 5.4% |
| Uruzitiro | 72 | 78.3% | 20 | 21.7% |
| Inzira z'abafite ubumuga | 53 | 57.6% | 39 | 42.4% |
| Pariking | 86 | 93.5% | 6 | 6.5% |
| Ibimenyetso ndangahantu | 78 | 84.7% | 14 | 15.3% |
| Ibikoresho byo mu biro | 85 | 92.4% | 7 | 7.6% |
| Inyubako zishaje | 53 | 57.6% | 39 | 42.4% |
| Kizimyamoto | 69 | 75.0% | 23 | 25.0% |
| Ubwishingizi bw'inyubako (Inkongi y'umuriro) | 4 | 4.4% | 88 | 95.6% |
| Imirindankuba | 48 | 52.17% | 44 | 47.8% |

Aho byavuye: Raporo y'Umujyi wa Kigali kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

### Imbonerahamwe ya 20: Ibyagaragajwe n'igenzura mu Mujyi wa Kigali ku birebana n'imitangire ya serivisi

| ICYAGENZUWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Aho kwakirira ababagana haboneye | 89 | 96.7% | 3 | 3.3% |
| Inyandiko y'ibigenderwaho mu gutanga serivisi | 81 | 88.1% | 11 | 11.9% |
| Gutanga amakuru kuri serivisi zasabwe (feedback) | 78 | 84.8% | 14 | 15.2% |
| Ishyinguranyandiko | 80 | 86.9% | 12 | 13.1% |
| Abakozi bafite imihigo | 92 | 100% | 0 | 0% |
| Ibigo bifite imihigo | 92 | 100% | 0 | 0% |
| Abarinzi b'ikigo | 92 | 100 | 0 | 0% |

Aho byavuye: Raporo y'Umujyi wa Kigali kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

### Imbonerahamwe ya 21: Ibyagaragajwe n'igenzuro mu Mujyi wa Kigali ku birebana n'imicungire y'umutungo

| ICYAGENZUWE | AHO BIRI | IJANISHA | AHO BITARI | IJANISHA |
|---|---|---|---|---|
| Inyandiko zisobanura imikoreshereze y'imari | 88 | 95.7% | 4 | 4.3% |
| Gukora raporo y'imari hifashishijwe ikoranabuhanga (software) ryabugenewe | 88 | 95.7% | 4 | 4.3% |
| Gukata imisoro mbere yo kwishyura | 80 | 86.9% | 12 | 13.1% |
| Raporo y'itangwa ry'amasoko | 50 | 54.3% | 42 | 45.7% |
| Raporo y'ububiko (stock) | 70 | 76.1% | 22 | 23.9% |

Aho byavuye: Raporo y'Umujyi wa Kigali kuri gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho 2022-2023

Ibibazo byagaragajwe n'igenzura bikeneye kwitabwaho mu Mujyi wa Kigali, harimo kutagira raporo y'itangwa ry'amasoko (45.7%), inyubako zishaje (42.4%) kutagira inzira z'abafite ubumuga (42.4%), kutagira ubwishingizi bw'inyubako (95.6%) n'imirindankuba (47.8%).

### 1.5.4. GUHUZA IBIKORWA BY'IHURIRO RY'ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE (JADF)

Ku bufatanye n'ubuyobozi bw'Intara, Umujyi wa Kigali, Uturere n'abagize Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere, RGB yateguye inama ziteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe agenga imikorere ya JADF. Nk'uko byari biteganyijwe, hakozwe inama nyunguranabitekerezo yo ku rwego rw'Igihugu, inama imwe muri buri ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse n'inama enye mpuzabikorwa z'igihembwe. Izi nama zari zigamije gukurikirana, guhuriza hamwe ibikorwa no kujya inama ku cyarushaho guteza imbere uruhare rw'abafatanyabikorwa mu iterambere rirambye.




*Inama nyunguranabitekerezo ya JADF ku rwego rw'Igihugu, ku wa 6 Ukwakira 2022*



*Inama nyunguranabitekerezo ya JADF ku rwego rw'Intara y'Iburengerazuba, ku wa 18 Ugushyingo 2022*



*Inama nyunguranabitekerezo ya JADF ku rwego rw'Intara y'Amajyaruguru, ku wa 27 Ugushyingo 2022*

Muri izi nama nyunguranabitekerezo, haganiriwe ku ruhare rw'abafatanyabikorwa mu guteza imbere Igihugu muri rusange no gushyigikira gahunda z'iterambere ry'uturere bakoreramo by'umwihariko. Hanagaragajwe ahakeneye kongerwa imbaraga harimo: Kuzamura imibereho myiza y'abaturage, kongera imishinga itanga akazi cyane cyane ku rubyiruko, kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana, amakimbirane mu miryango, ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi ziyobya urubyiruko. Abitabiriye inama biyemeje kongera ubufatanye mu gutegurira hamwe gahunda z'iterambere, kuzishyira mu bikorwa no kuzigenzura hagamijwe kuzana impinduka mu mibereho y'abaturage.

Muri izi nama, hanagaragajwe ibyavuye mu bugenzuzi bwakozwe na RGB ku mikorere y'imiryango itari iya Leta n'imiryango ishingiye ku myemerere, hatangwa inama zo kunoza ibyagaragaye ko bikeneye kongerwamo imbaraga birimo kubahiriza amategeko agenga imikorere no kunoza imicungire y'imari n'abakozi muri iyo miryango.

Mu rwego rwo kubaka ubushobozi bw'abakozi bashinzwe JADF, hatanzwe amahugurwa ku bijyanye (i) n'imikoranire iboneye n'abafatanyabikorwa, (ii) uburyo bw'ikoranabuhanga (e-imiryango) bukoreshwa mu kwandika imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere, (iii) guteza imbere uruhare rwa JADF mu guhanga imirimo no kuzamura ubumenyi ngiro (iv), ibipimo ngenderwaho byo kunoza imitangire ya serivisi.

RGB yatanze kandi ibiganiro mu nama zitandukanye zahuje abagize komite ya JADF n'Inama Njyanama mu turere twa Ngororero, Rubavu, Nyaruguru, Rulindo, Rwamagana, Gakenke, Gatsibo, Karongi na Rutsiro. Ibyo biganiro byibanze ku mikorere, imikoranire, uruhare rw'abafatanyabikorwa mu iterambere ndetse n'imitangire ya serivisi.

Nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri w'Intebe, Uturere twashyikirije RGB raporo z'ibikorwa bya JADF. Bimwe mu bikorwa byagizwemo uruhare n'abafatanyabikorwa bibumbiye muri JADF ni ibi bikurikira:



Umuyoboro w'amazi wubatswe ku bufatanye bwa World Vision n'Akarere ka Gakenke

- Kugeza amazi meza ku baturage ba Kanyansyo, Muhororo, Rukore, Kivuruga, Rwakirari, Ruhinga mu Karere ka Gakenke ahubatswe station yohereza amazi mu muyoboro w'ibirometero 40.7 ugeza amazi meza ku miryango 1,798. Uyu muyoboro wubatswe ku bufatanye na World Vision international, yatanze 60% y'ingengo y'imari yakoreshejwe.



Inzu z'ubuhinzi (green houses) zubatswe mu karere ka Rwamagana

- Inzu z'ubuhinzi (green houses) 88 zubatswe kuri hegitari 260 mu karere Rwamagana zifasha imiryango kwihaza mu biribwa no guhinga mu buryo buhoraho kandi bwa kijyambere.

- Kubaka urugomero rufata amazi yo kuhira imyaka ihinze ku buso bwa hegitari 30 mu Murenge wa Murama mu Karere ka Ngoma, rukaba rwarafashije abahinzi kongera umusaruro, runatanga akazi ku baturage.

- Korohereza abaturage kubona serivisi nziza z'ubuvuzi: inzu y'ababyeyi (maternity) yubatswe mu Karere ka Gakenke ku bufatanye na Medicusmundi yakira ababyeyi barenga 50 ku munsi mu gihe ikigo nderabuzima gihari cyari gifite ubushobozi bwo kwakira ababyeyi batanu gusa.

- Kubaka ibyumba by'amashuri n'amarerero yujuje ibisabwa, gufasha abaturage batishoboye kubona ubwisungane mu kwivuza, kubakira abatishoboye amacumbi, ubukangurambaga mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kurengera abana, kuzamura uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa no kubamurikira ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo.

N'ubwo hari byinshi bimaze kugerwaho n'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF), haracyakenewe kongera imbaraga muri ibi bikurikira:

- Gukurikirana ibikorwa by'abafatanyabikorwa no gusuzuma impinduka bigeza ku baturage;
- Gukomeza kunoza igenamigambi rihuriweho;
- Gukomeza ubukangurambaga ku banyamuryango ba JADF batitabira ihuriro uko bikwiye;
- Kunoza urutonde rw'abafatanyabikorwa muri buri karere (database).

# 1.6. IMITWE YA POLITIKI, IMIRYANGO ITARI IYA LETA N'IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE

| | | | |
|---|---|---|---|
| UMURYANGO F.P.R-INKOTANYI | ISHYAKA RIHARANIRA UKWISHYIRA UKIZANA KWA BURI MUNTU (P.L) | ISHYAKA RIHARANIRA UBUMWE BW' ABANYARWANDA NA DEMOKARASI (U.D.P.R) | ISHYAKA NTANGARUGERO MURI DEMOKARASI (P.D.I) |
| ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI N' IMIBEREHO MYIZA Y' ABATURAGE (P.S.D) | ISHYAKA RY' ITERAMBERE N' UBUSABANE (P.P.C) | ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI IHUZA ABANYARWANDA (P.D.C) | ISHYAKA RYA GISOSIALISITI RIRENGERA ABAKOZI MU RWANDA (P.S.R) |
| ISHYAKA RY' UBWISUNGANE BUGAMIJE ITERAMBERE (P.S.P) | PS – IMBERAKURI | ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI NO KURENGERA IBIDUKIKIJE MU RWANDA (DGPR) | |





Muri iki cyiciro, mu mwaka wa 2022-2023 hari hateganyijwe kwandika imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki yujuje ibisabwa, kumenyekanisha imikoreshereze y'ikoranabuhanga rya "e-Imiryango" ryo kwandika no gukurikirana imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki no kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko ku miryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki no gukora ubushakashatsi ku iterambere ry'imiryango itari iya Leta (Rwanda Civil Society Barometer). Hari hanateganyijwe ibiganiro n'imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki ku bijyanye n'imiyoborere, imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amategeko no kongerera ubushobozi imitwe ya politiki, imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere kugira ngo irusheho kugira uruhare mu kuzamura ubukungu n'imibereho myiza by'abaturage.

## 1.6.1. KWANDIKA IMIRYANGO ITARI IYA LETA, IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE N'IMITWE YA POLITIKI

Mu mwaka wa 2022-2023, RGB yakiriye ubusabe bw'imiryango itandukanye ishaka kwiyandikisha cyangwa guhuza n'itegeko, nk'uko bigaragara mu mashusho akurikira:

**IMIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA**

| ICYANGOMBWA CYASABWE | UBUSABE BWAKIRIWE | IMIRYANGO YAHAWE IBYANGOMBWA | IMIRYANGO YASABWE KUZUZA IBIBURA MU BUSABE BWAYO |
|---|---|---|---|
| ICYANGOMBWA CY'IYANDIKWA CY'AGATEGANYO | 651 | 190 | 461 |
| UBUZIMAGATOZI | 236 | 95 | 141 |

**IMIRYANGO MVAMAHANGA ITARI IYA LETA**

| ICYANGOMBWA CYASABWE | UBUSABE BWAKIRIWE | IMIRYANGO YAHAWE IBYANGOMBWA | IMIRYANGO YASABWE KUZUZA IBIBURA MU BUSABE BWAYO |
|---|---|---|---|
| ICYANGOMBWA CY'IYANDIKWA | 20 | 15 | 5 |
| KONGERERWA IGIHE CYO GUKORA | 195 | 175 | 20 |

## IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE

| ICYANGOMBWA CYASABWE | UBUSABE BWAKIRIWE | IMIRYANGO YAHAWE IBYANGOMBWA | IMIRYANGO YASABWE KUZUZA IBIBURA MU BUSABE BWAYO |
|---|---|---|---|
| UBUZIMAGATOZI | 164 | 33 | 131 |
| ICYANGOMBWA CYO GUHUZA N'ITEGEKO | 55 | 6 | 49 |

## FONDASIYO

| ICYANGOMBWA CYASABWE | UBUSABE BWAKIRIWE | IMIRYANGO YAHAWE IBYANGOMBWA | IMIRYANGO YASABWE KUZUZA IBIBURA MU BUSABE BWAYO |
|---|---|---|---|
| ICYANGOMBWA CY'IYANDIKWA | 53 | 25 | 28 |

## 1.6.2. KUMENYEKANISHA IMIKORESHEREZE YA "e-IMIRYANGO"

Mu mwaka wa 2022-2023, RGB yakoze imenyekanisha ry'imikorere n'imikoreshereze ya e-Imiryango mu bafatanyabikorwa 375 bahagarariye imiryango nyarwanda itari iya Leta, imiryango mvamahanga itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'abakozi 30 bashinzwe JADF mu turere.

## 1.6.3. KUGENZURA IMIKORERE N'IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO MU MIRYANGO ITARI IYA LETA, IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE N'IMITWE YA POLITIKI

RGB yakoze ubugenzuzi ku miyoborere n'iyubahirizwa ry'amategeko; gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano; ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'imiryango; icungamutungo n'imicungire y'abakozi ndetse n'ubufatanye n'izindi nzego. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza umubare w'imiryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere ndetse n'imitwe ya politiki byagenzuwe.

**Imbonerahamwe ya 22: Imiryango itari iya Leta, ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki byagenzuwe**

| IBYICIRO BY'IMIRYANGO | UMUBARE |
|---|---|
| IMIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA | 65 |
| IMIRYANGO MVAMAHANGA ITARI IYA LETA | 60 |
| IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE | 65 |
| IMITWE YA POLITIKI | 4 |
| IGITERANYO | 194 |

Incamake y'ibyavuye muri iri genzura igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 23: Incamake y'ibyavuye mu igenzura ry'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere**

| Nº | ICYAGENZUWE | AMANOTA KURI BURI CYICIRO CY'UMURYANGO | | |
|---|---|---|---|---|
| | | IMIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA | IMIRYANGO MVAMAHANGA ITARI IYA LETA | IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE |
| 1. | Imiyoborere n'iyubahirizwa ry'amategeko | 92.34% | 91.43% | 65.71% |
| 2. | Gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano | 68.5% | 91.5% | 61.54% |
| 3. | Icungamutungo n'imicungire y'abakozi | 53.63% | 93.33% | 31.55% |
| 4. | Ubufatanye n'izindi nzego | 80.38% | 92.38% | 71.76% |

Aho byavuye: RGB CSO's Assessment Reports 2022-2023

Igenzura ryagaragaje ko imiryango ishingiye ku myemerere n'imiryango itari iya Leta ifite intege nke mu birebana no gukorera mu mucyo ndetse n'icungamutungo n'imicungire y'abakozi. Imiryango ishingiye ku myemerere yo yanagaragayeho intege nke mu birebana n'imiyoborere n'iyubahirizwa ry'amategeko.

Mu ikurikiranabikorwa kandi hagenzuwe imiryango 55 ifite imishinga yatewe inkunga na RGB na UNDP hagamijwe kureba uko iyo mishinga yashyizwe mu bikorwa n'akamaro yagiriye abagenerwabikorwa.

### 1.6.3.1 IMIKORERE Y'IMIRYANGO MVAMAHANGA ITARI IYA LETA

Nk'uko biteganywa n'itegeko, imiryango mvamahanga itari iya Leta yanditse mu Rwanda, igomba gushyikiriza raporo z'ibikorwa by'umwaka RGB bitarenze ukwezi kwa Nzeri buri mwaka. Kugeza muri Kamena 2023, imiryango 175 ingana na 89.7% ni yo yari imaze gutanga raporo.

Raporo zatanzwe n'imiryango mvamahanga itari iya Leta, zagaragaje ko iyi miryango yakoresheje amadorali y'Amerika 223,114,875 mu bikorwa bitandukanye bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 24: Ingengo y'imari yakoreshejwe n'imiryango itari iya Leta**

| N° | ICYICIRO | UMUBARE W'IMIRYANGO | INGENGO Y'IMARI/ USD |
|---|---|---|---|
| 1 | Uburezi | 52 | 51,737,424 |
| 2 | Ubuzima, isuku n'isukura | 32 | 49,249,700 |
| 3 | Ubuhinzi n'ubworozi | 28 | 14,500,479 |
| 4 | Imibereho myiza | 31 | 31,505,000 |
| 5 | Iterambere ry'umuryango n'uburenganzira bw'abana | 23 | 13,221,260 |
| 6 | Uburinganire n'iterambere ry'umugore | 15 | 4,120,332 |
| 7 | Kubungabunga ibidukikije na pariki | 24 | 11,102,520 |
| 8 | Imicungire y'ibiza n'impunzi | 7 | 19,841,250 |
| 9 | Iterambere ry'ubukungu n'ishoramari | 9 | 1,579,520 |
| 10 | Guteza imbere imiyoborere n'itangazamakuru | 5 | 400,230 |
| 11 | Amazi | 4 | 6,201,126 |
| 12 | Urubyiruko | 7 | 3,980,528 |
| 13 | Guteza imbere ubucuruzi buciriritse n'ub-wambukiranya imipaka | 8 | 4,050,213 |
| 14 | Ubutabera | 8 | 5,050,214 |
| 15 | Ingufu zisubira, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'umutungo kamere | 2 | 536,250 |
| 16 | Guteza imbere siporo n'umuco | 2 | 185,105 |
| 17 | Guteza imbere ibikorwaremezo | 5 | 2,521,620 |
| 18 | Ikoranabuhanga | 2 | 451,320 |
| **Igiteranyo** | | **-** | **220,234,091** |

Aho byavuye: RGB CSO Monitoring Reports 2022-2023

Nk'uko bigaragara, inkingi y'imibereho myiza (uburezi, ubuzima no kuzamura imibereho myiza y'abaturage) ni yo yihariye hafi 61% by'imari yakoreshejwe n'imiryango mvamahanga itari iya Leta.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ingero za bimwe mu bikorwa byagezweho n'imwe mu miryango mvamahanga itari iya Leta.

**Imbonerahamwe ya 25: Bimwe mu bikorwa by'ingenzi byakozwe n'imwe mu miryango itari iya Leta**

| ICYICIRO | INGERO Z'IBYAGEZWEHO |
|---|---|
| UBUREZI | Abanyeshuri 27,991 mu bigo by'amashuri 51 by'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 bafashijwe kubona ifunguro, bishyurirwa amafaranga y'ishuri banahabwa n'ibikoresho by'ishuri |
| | Hubatswe irerero rya kijyambere rinini n'andi marerero mato 4 aryunganira mu Karere ka Kicukiro |
| UBUHINZI N'UBWOROZI | Mu rwego rwo guteza imbere ubuhinzi bubungabunga ibidukikije, hatewe ibiti bisaga 200,000 by'imbuto ziribwa n'ibiti 400,000 bivangwa n'imyaka mu Ntara y'Iburasirazuba |
| | Mu rwego rwo kurwanya ubukene n'imirire mibi, imiryango y'abatishoboye yorojwe inka 5,391, ihene 3,197, intama 618, ingurube 949, inkwavu 32, inkonko 102. Iyi miryango yanahawe n'imiti yo kuvura indwara z'amatungo. |
| | Abahinzi 85,493 bo mu Ntara y'Amajyaruguru bahawe imbuto y'ibigori n'inyongeramusaruro mu rwego rwo kongera umusaruro w'ubuhinzi |
| UBUZIMA | Hubatswe amavuriro y'ibanze (health posts) 213 mu turere 12: Nyanza, Kirehe, Gisagara, Nyamagabe, Rusizi, Rutsiro, Kamonyi, Rubavu, Ngoma, Nyamasheke, Nyaruguru na Bugesera. |
| | Abantu batishoboye 37,480 bo mu turere tugize Umujyi wa Kigali bishyuriwe ubwisungane mu kwivuza. |
| | Mu rwego rwo guteza imbere isuku n'isukura, hubatswe ubwiherero 155 bwujuje ibisabwa mu Ntara y'Iburasirazuba. |
| IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE | Hahanzwe imirimo mishya 35,962 mu rubyiruko n'abagore mu gihugu hose. |
| | Hatanzwe amabati 259 mu bimina by'abatishoboye 37 mu Karere ka Gakenke. |
| | Abatishoboye 153 bubakiwe amacumbi aboneye mu Turere twa Nyarugenge, Musanze, Gicumbi, Burera, Rubavu na Rusizi. |

Aho byavuye: RGB CSO Monitoring Reports 2022-2023

## 1.6.3.2. IMIRYANGO YAGARAGAYEMO AMAKIMBIRANE N'ICYAKOZWE

Mu rwego rwo kubahiriza amahame y'imiyoborere no kunoza imitangire ya serivisi, RGB ifatanyije n'inzego bireba yakurikiranye imiryango yagarayemo amakimbirane, hafatwa ibyemezo bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 26: Gukemura amakimbirane mu miryango**

| N° | UMURYANGO | ICYICIRO CY'UMURYANGO | IMITERERE Y'IKIBAZO | ICYEMEZO CYAFASHWE |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Evangelical Church and Ministries International (ECMI) | Umuryango ushingiye ku myemerere | Uyu muryango wagaragayemo amakimbirane ashingiye kuri bamwe mu bagize komite nyobozi bashakaga gukuraho abandi mu buryo bunyuranyije n'amategeko. | RGB imaze gusesengura imiterere y'ikibazo, yabamenyesheje ko inzego zatowe n'urwego rukuru rw'umuryango zigomba gukomeza kuyobora umuryango kugeza manda irangiye cyangwa habaye izindi mpamvu zikurikije amategeko zatuma ubuyobozi buhinduka. |
| 2 | International Pentecostal Holiness Church in Rwanda (IPHCR) | Umuryango ushingiye ku myemerere | Umuvugizi wungirije yirukanywe mu buryo budakurikije amategeko bikurura amakimbirane hagati y'abayoboke. | Nyuma y'igenzura, RGB yasanze amatora yafatiwemo icyemezo cyo kwirukana umuvugizi wungirije yarakozwe mu buryo bunyuranyije n'amatageko iyatesha agaciro. Ubuyobozi bw'umuryango bwasabwe gukemura amakimbirane hifashishijwe inzego ziteganywa n'amategeko. |
| 3 | APE Rugunga | Umuryango nyarwanda utari uwa Leta | Uyu muryango wagaragayemo ibibazo by'imiyoborere mibi n'amakimbirane hagati y'abanyamuryango. | Ku bufatanye bwa RGB n'izindi nzego bireba, hasesenguwe imiterere y'ikibazo, hafatwa umwanzuro wo guhagarika inzego z'ubuyobozi, hashyirwaho umuyobozi w'agateganyo ahabwa inshingano zo kureberera inyungu z'umuryango mu gihe cy'inzibacyuho. |
| 4 | Ebenezer Rwanda | Umuryango ushingiye ku myemerere | Uyu muryango wagaragayemo ibibazo by'imicungire mibi y'umutungo n'a makimbirane hagati y'abayoboke bawo.w | Nyuma yo gusesengura iki kibazo, RGB yahagaritse abagize inzego z'ubuyobozi bw'Itorero inagira inama abanyamuryango gukurikiza ibiteganywa n'amategeko mu gushyiraho ubuyobozi bushya. Ubu abanyamuryango bari muri gahunda yo kwishyiriraho ubuyobozi bushya bw'Itorero. |
| 5 | Umuryango w'Abadiyakonesi "Abaja ba Kristo" | Umuryango ushingiye ku myemerere | Umwe mu banyamuryango yandikiye RGB ayisaba kurenganurwa avuga ko yirukanywe mu muryango mu buryo bunyuranyije n'amategeko. | Ishingiye ku isesengura yakoze, RGB yandikiye uyu munyamuryango imumenyesha ko yasanze icyemezo yafatiwe cyari gikurikije amategeko agenga uwo muryango. |
| 6 | Rwanda Chess Federation | Umuryango nyarwanda utari uwa Leta | Uyu muryango wagaragayemo amakimbirane yatewe n'umuyobozi wawo wirukanye bamwe mu banyamuryango mu buryo budakurikije amategeko. | Nyuma y'igenzura ryakozwe ku bufatanye bwa Minisiteri ya Siporo na RGB, uyu muryango wambuwe ubuzimagatozi ugirwa inama yo kubanza kubahiriza ibyo amategeko ateganya. |

Aho byavuye: RGB CSO Monitoring Reports 2022-2023

### 1.6.3.3. GUSESENGURA RAPORO Z'IMITWE YA POLITIKI KU MIKORESHEREZE Y'IMARI

RGB yasesenguye raporo z'imari z'imitwe ya politiki ine (4) ari yo; Ishyaka ry'Iterambere n'Ubusabane (PPC), Ishyaka Riharanira Ibidukikije na Demokarasi (DGPR), Ishyaka Riharanira Ubumwe bw'Abanyarwanda na Demokarasi mu Rwanda (UDPR) n'Ishyaka Ntangarugero muri Demokarasi (PDI). Raporo zasesenguwe zigaragaza ko imitwe ya politiki yagenzuwe yubahiriza amategeko ayigenga mu birebana n'imikoreshereze y'imari.

## 1.6.4. IBIGANIRO N' IMIRYANGO ITARI IYA LETA, IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE N'IMITWE YA POLITIKI

RGB yagiranye ibiganiro n'imiryango ishingiye ku myemerere, imitwe ya politiki, imiryango nyarwanda na mvamahanga itari iya Leta hagamijwe kuganira ku ruhare rw'iyi miryango mu iterambere ry'Igihugu.

### 1.6.4.1. IBIGANIRO N'IMIRYANGO ITARI IYA LETA N'ISHINGIYE KU MYEMERERE

RGB yagiranye ibiganiro n'abahagarariye imiryango nyarwanda itari iya Leta (100), imiryango mvamahanga itari iya Leta (205) n'ishingiye ku myemerere (70). Ibi biganiro byibanze ku ruhare rw'iyi miryango mu kwimakaza imiyoborere myiza, kubahiriza amategeko, kurwanya ibyaha by'iyezandonke, ibyo gutera inkunga iterabwoba n'iby'ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi. By'umwihariko, RGB yagaragarije abitabiriye ibi biganiro ibyavuye mu igenzura ryakozwe muri iyi miryango hasuzumwa imiyoborere, kubahiriza amategeko no gushyiraho ingamba zo kurwanya ibyaha by'iyezandonke, ibyo gutera inkunga imitwe y'iterabwoba n'iby'ubucuruzi bw'intwaro ntoya. Abitabiriye inama basobanuriwe ikoreshwa ry'ikoranabuhanga "e-Imiryango" ryifashishwa mu kwandika imiryango itari iya Leta.

Nyuma y'ibiganiro, hatanzwe ibyifuzonama birimo kurushaho kwimakaza imiyoborere myiza, kubahiriza amategeko, gushyiraho ingamba zo kurwanya ibyaha by'iyezandonke, ibyo gutera inkunga imitwe y'iterabwoba n'iby'ubucuruzi bw'intwaro ntoya ndetse no gushyiraho ingamba zo kugabanya urusaku rutezwa n'insengero.

Hakozwe kandi ibindi biganiro ku bufanye n'Ihuriro ry'Imiryango Nyarwanda Itari iya Leta (RCSP) na UNDP. Ibi biganiro byitabiriwe n'abahagarariye imiryango nyarwanda itari iya Leta byibanda ku ngamba zo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Haganiriwe kandi ku ngamba zo kubungabunga ibidukikije zirimo gufata amazi y'imvura, gucukura imirwanyasuri, gutera amashyamba ku misozi ihanamye no gukoresha imbabura za rondereza.



*Abitabiriye inama yahuje RGB n'abahagarariye imiryango mvamahanga itari iya Leta, ku wa 15 Ugushyingo 2022*



*Abitabiriye inama yahuje RGB n'abahagarariye imiryango nyarwanda itari iya Leta, ku wa 9 Werurwe 2023*



*Abitabiriye inama yahuje RGB n'abahagarariye imiryango ishingiye ku myemerere, ku wa 26 Kamena, 2023*

### 1.6.4.2. IBIGANIRO N'IMITWE YA POLITIKI

Ku bufatanye n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki (NFPO), RGB yagiranye ibiganiro n'abantu 68 baturutse mu mitwe ya politiki. Ibi biganiro byibanze ku mahame n'amategeko bigenga imicungire n'umutungo n'imari by'imitwe ya politiki.

## 1.6.5. KONGERERA UBUSHOBOZI IMITWE YA POLITIKI

Hashingiwe ku Itegeko Ngenga n°10/2013 ryo kuwa 12/3/2013 rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki mu ngingo yaryo ya 23 nk'uko ryavuguruwe muri 2018, RGB yateye inkunga imitwe ya politiki uko ari 11 mu rwego rwo kuyifasha mu bikorwa byayo bya buri munsi. Inkunga yose yatanzwe ingana n'amafaranga y' u Rwanda 55,000,000 aho buri mutwe wahawe 5,000,000.

## 1.6.6. KUBAKA UBUSHOBOZI BW'IMIRYANGO ITARI IYA LETA N'ISHINGIYE KU MYEMERERE

Hashingiwe kuri gahunda ya Leta yo gufatanya n'imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere mu bikorwa by'iterambere n'ibyo kubaka ubushobozi bw'iyo miryango, ku bufatanye na UNDP na Leta y'Ubugiriki, RGB yatanze amafaranga y' u Rwanda 666,441,101 ku mishinga 55 yatoranyijwe binyuze mu ipiganwa.

### Imbonerahamwe ya 27: Amafaranga yatanzwe ku mishinga y' imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere

| NO | IBIKORWA BYATEWE INKUNGA | UMUBARE W'IMISHINGA | AMAFARANGA YATANZWE |
|---|---|---|---|
| 1. | Kongerera ubushobozi Ihuriro ry'Imiryango Itari iya Leta | 1 | 77,364,060 |
| 2. | Kubaka ubushobozi no guteza imbere urubyiruko | 14 | 184,190,477 |
| 3. | Kwegereza abaturage serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi | 9 | 109,974,000 |
| 4. | Kurengera uburenganzira bw'umwana, kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana | 9 | 64,961,954 |
| 5. | Kubungabunga ibidukikije | 7 | 99,999,200 |
| 6. | Kongerera ubushobozi abantu bafite ubumuga | 6 | 45,000,000 |
| 7. | Kuzahura ubukungu bwazahajwe n'icyorezo cya COVID-19 | 8 | 79,951,410 |
| 8. | Kwimakaza umuco wo gutanga serivisi inoze no kubazwa ishingano | 1 | 5,000,000 |
| **Igiteranyo** | | **55** | **666,441,101** |

Aho byavuye: RGB CSO Projects Report 2022-2023

Bimwe mu byagezweho n'imishinga yatewe inkunga bigaragara mu ishusho ikurikira.

### Imbonerahamwe ya 28: Ingero z'ibyagezweho n'imishinga yatewe inkunga

## IGIKORWA

## IBYAGEZWEHO

**KUBAKA UBUSHOBOZI NO GUTEZA IMBERE URUBYIRUKO**



Urubyiruko 605 rugizwe n'abakobwa 449 n'abahungu 159 bahawe ubumenyi mu bijyanye n'ikoranabuhanga n'imyuga itandukanye (ubudozi, gutunganya imisatsi, gukora inkweto, gusudira, gukora amasabune, n'ibijyanye n'amahoteli , ubwubatsi , ubuhinzi n'ubworozi bya kijyambere).

**KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE**



Ubutaka bugera kuri hegitari 150 bwarabungabunzwe haterwa ibiti bigera kuri 302,403 mu karere ka Nyamagabe, Nyagatare na Musanze. Hakozwe kandi imirwanyasuri 398 mu karere ka Nyagatare

Abaturage 300 (abagore 183, abagabo 117) bo mu Karere ka Nyamagabe bigishijwe gukora no gukoresha imbabura za kijyambere mu rwego rwo kurengera amashyamba.

**KWEGEREZA ABATURAGE SERIVISI Z'UBUHINZI N'UBWOROZI**



Abahinzi bagera kuri 1,927 (harimo abagore 1,413 n'abagabo 514) bo mu Karere ka Nyaruguru bahawe ubumenyi bwo guhinga kijyambere. Bashishikarijwe kandi gahunda yo kwizigama binyuze mu bimina aho mu gihe cy'umwaka bizigamye amafaranga y' u Rwanda 52,029,000. Muri yo, agera kuri 49,219,434 yagurijwe abanyamuryango ngo bashobore kwiteza imbere no kwishyura ubwisungane mu kwivuza.

Imiryango itishoboye 16 yo mu karere ka Burera yorojwe inka kugira ngo ishobore kwivana mu bukene no kurwanya imirire mibi mu bana bari munsi y'imyaka itanu.

Aborozi b'amafi 210 barimo abagore 89 n'urubyiruko 68 bo mu Karere ka Burera bahawe ubumenyi n'ubushobozi ku korora amafi mu buryo bwa kijyambere. Mu gihe cy'amezi 6, umusaruro wabo wariyongereye uva kuri kg 300 ugera kuri kg 1,400.

Koperative ya COPRODEMU igizwe n'abanyamuryago 620 (abagore 400 n'abagabo 220) yo mu karere ka Muhanga ihinga inanasi, yahawe imashini 3 zo kubafasha gukora umutobe w'inanasi mu buryo bwujuje ubuziranange.

# IGIKORWA

## KURENGERA UBURENGANZIRA BW'UMWANA, KURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA N'IRIKORERWA ABANA

**IBYAGEZWEHO**

Abangavu 110 bo mu turere twa Huye (60) na Burera (50) bahohotewe bakabyara bakiri bato bubakiwe ubushobozi mu myuga iciriritse banaterwa inkunga yo kubafasha kwiteza imbere.

Abana 416 bazamuriwe imirire binyuze mu ngo mbonezamikurire 20 zashyizweho mu karere ka Nyaruguru

## KUZAHURA UBUKUNGU BWAZAHAJWE N'ICYOREZO CYA COVID-19

Abacuruzi 138 (abagore 102, abagabo 36) bo mu turere twa Rusizi Rubavu na Muhanga batewe inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 22,442,800 yo kuzahura ubucuruzi bwabo bwari bwarazahajwe na Covid-19.

Abanyamuryango 71 ba koperative COOPAV-MARARO yo mu karere ka Musanze ikora ibikoresho bitandukanye mu migano bongerewe ubumenyi baterwa n'inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 2,500,000 yo kuzahura ibikorwa bya Koperative.

## KONGERERA UBUSHOBOZI ABANTU BAFITE UBUMUGA

Abana 42 bafite ubumuga bo mu karere ka Kicukiro bafashijwe kubona serivisi zo kugorora ingingo (Physiotherapy).

Imiryango 220 yo mu Karere ka Rutsiro na Kayonza ifite abana bafite ubumuga yubakiwe ubushobozi mu guhinga kijyambere, ihabwa n'inkoko 1,400 kugira ngo irusheho kwiteza imbere no kuzamura imirire y'abo bana.

Ibikorwa by'imishinga yatewe inkunga byanagize uruhare mu guhanga imirimo mishya igera kuri 706.

Muri urwo rwego rwo kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta, hahuguwe abakozi 252 (abagore 103 n'abagabo 149). Amahugurwa yibanze ku bijyanye n'icungamutungo, imicungire igamije impinduka (Results Based Management), gushaka umutungo (Resource mobilization), kumenyekanisha ibikorwa (Communication and visibility) no gukora ubuvugizi bushingiye ku makuru yizewe (evidence-based advocacy). Hatangijwe kandi gahunda yo kwigiranaho mu rwego rwo kunoza imikorere no guhanga ibishya, hanashyirwaho uburyo bw'ikoranabuhanga (CSO Digital Platform) bugamije korohereza imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere guhanahana amakuru, kwigiranaho no kumenyekanisha ahari amahirwe yabagirira akamaro.





## 1.6.7. UBUSHAKASHATSI KU ITERAMBERE RYA SOSIYETE SIVILE MU RWANDA (RWANDA CIVIL SOCIETY BAROMETER-RCSB)

Ibikorwa by'imishinga yatewe inkunga byanagize uruhare mu guhanga imirimo mishya igera kuri Mu mwaka wa 2022-2023, RGB yakoze ku nshuro ya kane (4) ubushakashatsi bugamije gupima iterambere rya sosiyete sivile mu Rwanda buzwi nka Rwanda Civil Society Barometer-RCSB. RCSB ya 2023 igaragaza uko Imiryango itari iya Leta ihagaze, ibibazo ifite n'ibyifuzo nama byafasha mu gukemura ibibazo byagaragaye. Ibi biha amakuru inzego za Leta, abakurikirana imikorere ya sosiyete sivile, abikorera n'abafatanyabikorwa ku mikorere y'Imiryango Itari iya Leta naho gushyira imbaraga.

RCSB ya 2023 yubakiye ku nkingi enye (4) zigizwe n'ibipimo 13 n'udupimo 39. Izo nkingi ni kugira uruhare mu bikorwa no kudaheza (Participation and Inclusiveness domain), imiterere y'urubuga sosiyete sivile ikoreramo (CSOs Environment domain), imiyoborere n'indangagaciro muri sosiyete sivile (Governance and values in CSOs domain) ndetse n'umusaruro n'uruhare rw'ibikorwa bya sosiyete sivile (Impact and effectiveness of CSOs domain).

## Ishusho ya 6: Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi ku iterambere rya sosiyete sivile mu Rwanda




### Ibisobanuro by'amabara

| Amanota | Amabara |
|---|---|
| [80-100%] | Icyatsi kibisi |
| [60-80%[ | Umuhondo |
| [40-60%[ | Umuhemba |
| [0-40%[ | Umutuku |

Aho byavuye: Rwanda Civil Society Barometer 2023

RCSB ya 2023 yagaragaje ko inkingi y'umusaruro n'uruhare rw'ibikorwa bya sosiyete sivile (Impact and Effectiveness of CSOs domain) ari yo iza imbere ku kigero cya 84.24%, ikurikiwe n'inkingi yo kugira uruhare mu bikorwa no kudaheza (Participation and Inclusiveness domain) iri kuri 78.76%, imiyoborere n'indangagaciro muri sosiyete sivile (Governance and Values in CSOs domain) iri kuri 73.09% naho inkingi y'imiterere y'urubuga sosiyete sivile ikoreramo (CSOs Environment domain) niyo iri inyuma ku kigero cya 73.08%.

### Ishusho ya 7: Amanota y'inkingi, ibipimo n'udupimo

| INKINGI | | IBIPIMO | | | UDUPIMO | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 3 | 1 | 1 | 5 | 7 | 2 | 2 | 16 | 19 |
| 60-79.9% | 80-100% | 0-40% | 60-79.9% | 80-100% | 0-40% | 40-59.9% | 60-79.9% | 80-100% |


RCSB ya 2023 igaragaza ko inkingi eshatu (3) muri enye (4) zifite amanota ari hagati ya 60% na 80% naho imwe (1) iri hejuru ya 80%. Mu bipimo 13, birindwi (7) biri hejuru ya 80%, bitanu (5) biri hagati ya 60% na 80% naho kimwe (1) kiri munsi ya 40%. Mu dupimo 39 harimo 19 turi hejuru ya 80%; 16 turi hagati ya 60% na 80%; tubiri (2) turi hagati ya 40% na 60% naho utundi tubiri (2) turi munsi ya 40%.

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko hakenewe gukorwa ibi bikurikira: Kunoza imikoranire ya sosiyete sivile n'abikorera, gushyiraho ingamba zo gukumira no guhana iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba aho zitari no kuzikaza aho ziri, kongera uruhare rw'abaturage mu guteza imbere gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano mu bikorwa bya sosiyete sivile no kunoza imikorere y'inzego z'imiryango nyarwanda itari iya Leta



# 1.7. GUKURIKIRANA, KUBAKA UBUSHOBOZI NO GUHUZA IBIKORWA BY'ITANGAZAMAKURU

Muri iki cyiciro, hari hateganyijwe ibikorwa byo kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru, ibitangazamakuru n'abanyamakuru, gukora ubushakashatsi ku mikoro n'imibereho y'ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru, gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'ubushakashatsi ku gipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda (Rwanda Media Barometer-RMB), gutegura umunsi nyafurika w'itangazamakuru no gukora ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru.







## 1.7.1 KONGERERA UBUSHOBOZI IBITANGAZAMAKURU N'AMASHYIRAHAMWE Y'ABANYAMAKURU

### 1.7.1.1 INKUNGA

RGB yateye inkunga ibitangazamakuru, amashyirahamwe y'abanyamakuru abiri n'Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura mu buryo bukurikira:

Ishyirahamwe ry'Abanyamakuru mu Rwanda (ARJ) ryahawe amafaranga y' u Rwanda 122,610,074 yakoreshejwe mu kwishyura imishahara y'abakozi no mu bindi bikorwa byaryo bya buri munsi. Iyo nkunga kandi yatumye ARJ ifasha ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru bikorera mu nyubako ikodesha kubona aho gukorera haboneye harimo n'ibikoresho nka mudasobwa zifite interineti ihoraho.

Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura (RMC) rwahawe amafaranga y' u Rwanda 192,744,951 yakoreshwejwe mu kwishyura imishahara y'abakozi, ibikoresho no kubaka ubushobozi kugira ngo rubashe gusohoza inshingano zo gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame agenga umwuga w'itangazamakuru no gutanga ibyangombwa ku bitangazamakuru no ku banyamakuru.

Igikorwa cyo kubakira RMC ubushobozi, cyatumye ibasha gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame y'umwuga w'itangazamakuru, aho yakiriye ikanakemura ibirego 18 byiganjemo ibirebana n'abanyamakuru barezwe gutandukira amahame y'umwuga. RMC yanatanze amakarita y'umwuga ku banyamakuru 381.

RGB yanateye inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 23,689,932 Ishyirahamwe ry'Abagore Bakora Umwuga w'Itangazamakuru mu Rwanda. Iyi nkunga yakoreshejwe mu gukora inyandiko ziyobora iri shyirahamwe mu mikorere yaryo ndetse no gukora no gusakaza inyandiko yo kwimakaza ihame ry'uburinganire bw'abagabo n'abagore mu itangazamakuru.

RGB yatanze kandi inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 170,937,000 yahawe ibitangazamakuru 22 binyuze mu ipiganwa ry'imishinga. Iyi nkunga yatanzwe ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP) n'Ikigo cy'Abasuwisi Gishinzwe Iterambere (Swiss Agency for Development and Cooperation) hagamijwe gufasha ibitangazamakuru guhangana n'ingaruka za Covid-19 ndetse no gushyiraho ibikorwa bifasha ibitangazamakuru kwinjiza amafaranga abifasha mu kazi kabyo ka buri munsi. Inkunga yahawe ibitangazamakuru yagize uruhare mu guhanga imirimo mishya 30, inatuma ibitangazamakuru byayihawe bibasha kugumana abakozi 112 ndetse binagura ibikoresho bitandukanye.

### 1.7.1.2 AMAHUGURWA

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023, RGB yakurikiranye ibikorwa bijyanye no kongerera ubushobozi abanyamakuru bikorwa n'ibigo n'imiryango itandukanye. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza amahugurwa yatanzwe n'abayitabiriye:

### Imbonerahamwe ya 29: Amahugurwa yahawe abanyamakuru

| N° | AMAHUGURWA | ABATEGUYE AMAHUGURWA | UMUBARE W'ABAHUGUWE | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | ABAGORE | ABAGABO | IGITERANYO |
| 1. | Gukora inkuru zicukumbuye (Investigative Journalism) | Rwanda Journalists Association (ARJ) | 17 | 8 | 25 |
| 2. | Gufasha abanyamakuru b'abagore kugira ubumenyi bwo gukora inkuru za politiki | | 17 | 0 | 17 |
| 3. | Gukora inkuru ku ndwara zandurira mu myanya ndangagitsina mu bihe bya Covid-19 | | 11 | 9 | 20 |
| 4. | Gukora inkuru ku ndwara ya "Monkeypox", ku nkingo z'abana za Covid-19, ku buzima bwo mu mutwe ndetse no ku bafite ubumuga | | 15 | 15 | 30 |
| 5. | Gukora inkuru ku kurinda abana (Child protection) | | 10 | 10 | 20 |
| 6. | Gukora inkuru kuri gahunda zo guteza imbere abagore bo mu cyaro batishoboye: uburyo bwo kubona amafaranga, amahirwe n'imbogamizi | | 12 | 8 | 20 |
| 7. | Gukora inkuru kuri gahunda zo guteza imbere urubyiruko rudafite imirimo: amahirwe yo guhanga imirimo ishingiye kuri koperative ndetse no ku ikoranabuhanga mu Rwanda | | 6 | 14 | 20 |
| 8. | Gukora inkuru ku ndwara zitandura | | 9 | 11 | 20 |
| 9. | Gukora inkuru kuri gahunda yo kugaburira buri mwana igi rimwe buri munsi | | 15 | 15 | 30 |

| Nº | AMAHUGURWA | ABATEGUYE AMAHUGURWA | UMUBARE W'ABAHUGUWE | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | ABAGORE | ABAGABO | IGITERANYO |
| 10. | Amahugurwa ku kwamamaza no gucuruza mu itangazamakuru | Pax Press | 22 | 15 | 37 |
| 11. | Ubujyanama (Mentorship) ku banyamakuru 20 b'abagore bo mu bitangazamakuru bitandukanye | | 20 | 0 | 20 |
| 12. | Amahugurwa y'abagize "clubs" z'ibidukijije muri kaminuza zitandukanye ku bumenyi rusange ku bidukikije ndetse no kwandika inkuru ku bidukikije. | | 55 | 24 | 79 |
| 13. | Amahugurwa ku manza ziburanishwa hashingiwe ku bubasha ndengamipaka | | 35 | 18 | 53 |
| 14. | Gukora inkuru ku gukemura amakimbirane | | 12 | 6 | 18 |
| 15. | Ubumenyi bw'ibanze ku buringanire yagenewe abagize "Clubs" z'uburinganire muri za kaminuza n'amashuri makuru byigisha itangazamakuru | | 42 | 38 | 80 |
| 16. | Amahugurwa y'abahagarariye amashyirahamwe y'abagore bakora itangazamakuru ku mikorere ya kinyamwuga | | 15 | 0 | 15 |
| 17. | Amahugurwa ku gutegura inkuru z'amajwi zohererezwa abazisabye bakazishyura (Podcasts) | | 4 | 8 | 12 |
| 18. | Gushakisha gihamya mu gutegura inkuru mu mikorere ya kinyamwuga. | | 9 | 21 | 30 |

| Nº | AMAHUGURWA | ABATEGUYE AMAHUGURWA | UMUBARE W'ABAHUGUWE | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | ABAGORE | ABAGABO | IGITERANYO |
| 19. | Ubwisanzure nyabwo | Legal Aid Forum (LAF) | 20 | 18 | 38 |
| 20. | Kubaka izina mu itangazamakuru | | 40 | 27 | 67 |
| 21. | Imfashanyigisho y'umunyamakuru ku mahame y'umwuga | | 45 | 23 | 68 |
| 22. | Inyandiko isobanura imiterere y'amategeko agenga itangazamakuru mu Rwanda | | 39 | 33 | 72 |
| 23. | Isomo ry'itangazamakuru ricukumbuye mu Rwanda | | 32 | 27 | 59 |
| 24. | Gukora inkuru zicukumbuye | | 15 | 8 | 23 |
| 25. | Amahugurwa ku gukora inkuru zivuga ku ndwara zandurira mu myanya ndangagitsina | Rwanda Journalists for Sustainable Development (RJSD) | 9 | 11 | 20 |
| 26. | Gukora inkuru zinoze ku bibazo by'indwara zo mu mutwe | | 10 | 14 | 24 |
| 27. | Gukora inkuru zinoze kuri Cop 27 | Rwanda Media Commission (RMC) | 17 | 27 | 44 |
| 28. | Gukora inkuru zifasha abaturage kumenya amakuru ku ikoranabuhanga mu buhinzi | | 27 | 11 | 38 |
| 29. | Amahugurwa y'abanyeshuri biga itangazamakuru ku miterere y'itangazamakuru mu Rwanda, ndetse n'ibibazo by'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu itangazamakuru | Women Media Owners Forum (WMOC) | 17 | 33 | 50 |
| 30. | Isesengura ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu itangazamakuru | Rwanda Organization of Journalists Advocating for Persons with Disabilities and Vulnerable People (ROJAPED) | 14 | 17 | 31 |
| 31. | Gufasha ibitangazamakuru 40 mu gutegura no gusakaza inyandiko ngenderwaho ku buringanire bw'abagabo n'abagore | Association Rwandaise des Femmes des Medias (ARFEM) | 45 | 45 | 90 |

| N° | AMAHUGURWA | ABATEGUYE AMAHUGURWA | UMUBARE W'ABAHUGUWE | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | ABAGORE | ABAGABO | IGITERANYO |
| 32. | Gufasha abanyeshuri biga itangazamakuru kurushaho gusobanukirwa ko uburinganire no kutavangura ari inkingi ikomeye mu itangazamakuru ry'umwuga | Women in Media Platform (WMP) | 11 | 9 | 20 |
| 33. | Inyungu zo gukoresha imbuga nkoranyambaga ku munyamakuru | | 25 | 0 | 25 |
| 34. | Amahugurwa y' abagore bakora itangazamakuru ku ruhare rw'ikoranabuhanga mu itangazamakuru. | | 30 | 0 | 30 |

## 1.7.2. GUKURIKIRANA NO GUHUZA IBIKORWA BY'ITANGAZAMAKURU

Ku bijyanye no gukurikirana no guhuza ibikorwa by'itangamakuru hakozwe ibi bikurikira: Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'ubushakashatsi ku bipimo by'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda (RMB 2021), gukora ubushakashatsi ku mikoro n'imibereho y'ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru (Assessment of Financial Sustainability of Media Houses and Media Associations), kwizihiza Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru, kumenyekanisha itegeko ryerekeye kubona amakuru n' ibiganiro ku iterambere ry'itangazamakuru.

### 1.7.2.1. GUKURIKIRANA ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'UBUSHAKASHATSI KU BIPIMO BY'ITERAMBERE RY'ITANGAZAMAKURU MU RWANDA (RMB 2021)

RGB yasuye inagirana ibiganiro n'inzego icyenda hagamijwe kureba uko zashyize mu bikorwa imyanzuro izireba ikubiye mu bushakashatsi ku bipimo by'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda (RMB 2021). Imbonerahamwe ikurikira igaragaza buri rwego n'icyo rwakoze ku myanzuro irureba:

### Imbonerahamwe ya 30: Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro ya RMB 2021

| N° | AMAHUGURWA | URWEGO UREBA | ICYO RWAWUKOZEHO |
|---|---|---|---|
| 1. | Kuvugurura ibisabwa ngo umuntu yemererwe gukora umwuga w'itangazamakuru | MINALOC | Hatangijwe igikorwa cyo kuvugurura Politiki y'itangazamakuru. Ibitekerezo byatanzwe n'ibyiciro bitandukanye byashimangiye ko hakwiye kuvugururwa ibisabwa ngo umuntu yemererwe gukora umwuga w'itangazamakuru |
| 2. | Gukangurira ba nyir'ibitangazamakuru kubahiriza ibikubiye mu itegeko rigenga umurimo birebana n'uburenganzira bw'abakozi | RGB | Mu biganiro bitandukanye RGB yagiranye na ba nyir'ibitangazamakuru yabakanguriye kuzirikana uburenganzira bw'abakozi.<br><br>Habaye ibiganiro na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo hemezwa ko hazakorwa igenzura (Labour inspection) mu bitangazamakuru hagamijwe kureba iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abakozi. |
| 3. | Gufasha ibitangazamakuru kunoza imicungire y'abakozi n'Umutungo | RGB | Ibitangazamakuru RGB yahaye inkunga (Grants) yatanzwe ku bufatanye na UNDP byahawe amahugurwa ku micungire y'umutungo. |
| | | Amashyirahamwe y'Abanyamakuru | Ishyirahamwe Pax Press ryashyize mu bikorwa umushinga ugamije kongerera ubumenyi ibitangazamakuru 36 mu birebana n'imicungire y'umutungo |
| 4. | Kongerera ubushobozi Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura (RMC) kugira ngo rubashe gukurikirana neza iyubahirizwa ry'amahame y'umwuga w'itangazamakuru | MINALOC<br>RGB<br>RMC | Biteganyijwe ko politiki y'itangazamakuru irimo kuvugururwa izatanga umurongo mushya ku mikorere y' Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura.<br><br>Mu myaka y'ingengo y'imari ya 2021-2022 na 2022-2023, RMC yahawe inkunga y'amafaranga y'u Rwanda 356,544,323 ifasha Urwego rw'Abanyamakuru bigenzura gusohoza inshingano zarwo. Igice cy'iyo nkunga, uru Rwego rwayikoresheje mu gikorwa cyo kuvugurura amahame agenga umwuga w'itangazamakuru ngo ajyane n'igihe. |
| 5. | Gukurura no korohereza ishoramari mu rwego rw'itangazamakuru | RDB | Icyiciro cy'ikoranabuhanga n'itumanaho gishyigikira ibikorwa byinshi birebana n'itangazamakuru kiri mu byahawe umwihariko mu Itegeko rigenga ishoramari (Investment Code) aho rigena ko abashora imari muri ibyo byiciro borohereza mu buryo bw'imisoro no kubona ibyangombwa. |
| 6. | Gukora ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru | RGB | Hakozwe ubukangurambaga mu gihugu hose haba ubunyuze mu nama ndetse no mu bitangazamakuru hasobanurwa ibiteganywa n'itegeko ryerekeye kubona amakuru n'akamaro ko gutanga amakuru |
| 7. | Kugeza mu gihugu hose amajwi n'amashusho ya radiyo na televiziyo ndetse na murandasi | MINICT<br>RURA<br>RBA | Hongerewe iminara hirya no hino mu gihugu ku buryo amajwi ya Radiyo agera kuri 98% by'ubuso bw'Igihugu. Amashusho ya Televiziyo agera kuri 100% by'ubuso bw'igihugu ku bakoresha ikoranabuhanga rya satelite.<br><br>Ibigo by'itumanaho byongereye iminara hirya no hino mu gihugu ku buryo byazamuye umubare w'abanyarwanda bagerwaho na murandasi. |

### 1.7.2.2. GUKORA UBUSHAKASHATSI KU MIKORO N'IMIBEREHO Y'IBITANGAZAMAKURU (ASSESSMENT OF THE FINANCIAL SUSTAINABILITY OF MEDIA HOUSES AND MEDIA ASSOCIATIONS)

RGB yakoze ubushakashatsi ku mikoro n'imibereho y'ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru hagamijwe kureba ibibazo birimo ndetse no gutanga inama ku buryo byakemurwa n'impande zose bireba zirimo ibitangazamakuru ubwabyo, inzego za Leta n'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'urwego rw'itangazamakuru.

Iby'ingenzi byagaragajwe n'ubu bushakashatsi ni ibi bikurikira:

- Muri rusange, itangazamakuru ryo mu Rwanda rikorera mu bwisanzure, kandi gutangiza ishoramari mu itangazamakuru biroroshye, ari na yo mpamvu kuva muri 2002 kugeza muri 2022 umubare w'ibitangazamakuru wiyongereye, by'umwihariko radiyo na televizio ndetse n'ibitangazamakuru bikorera kuri murandasi;

- Amafaranga ibitangazamakuru byinjizaga yari ashingiye ahanini ku kwamamariza ibigo bya Leta. Ariko bitewe n'uko ibigo bya Leta bisigaye bikoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu kumenyekanisha ibyo bikora no mu mitangire ya zimwe muri serivisi zabyo, amafaranga yinjizwaga n'ibitangazamakuru avuye mu kwamamaza yaragabanutse cyane;

- Uretse Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru (RBA), byinshi mu bindi bitangazamakuru ntibifite abakozi mu myanya y'ingenzi irimo abanditsi bakuru, abashinzwe kwamamaza, abashinzwe imari ndetse n'abakozi bashinzwe ikoranabuhanga. Ibi bigira ingaruka ku bushobozi bw'ibitangazamakuru bwo gukora inkuru n'ibiganiro bifite ireme ari na zo zikurura abamamaza cyangwa abatera inkunga ibiganiro;

- Abakozi bagera kuri 44.5% bo mu bigo by'itangazamakuru mu Rwanda bahembwa umushahara utarengeje amafaranga y'u Rwanda 200,000 ku kwezi. Bavuga ko uyu mushahara udahagije ari na yo mpamvu bamwe bahitamo kujya mu yindi mirimo ihemba neza; bigatuma bimwe mu bitangazamakuru bikoresha abanyamakuru badafite ubunararibonye;

- Kimwe cya kabiri (1/2) cy'abayobozi b'ibigo by'itangazamakuru byabajijwe muri ubu bushakashatsi bavuga ko ibigo bayobora byungutse mu myaka ibiri ishize, gusa na byo ntibitanga icyizere cy'ejo hazaza habyo kubera ibibazo binyuranye byagaragaye mu micungire yabyo;

- Ku birebana n'amashyirahamwe y'abanyamakuru, ubushakashatsi bwagaragaje ko afite ibibazo mu miyoborere n'imicungire yayo muri rusange. Ayo mashyirahamwe kandi afite ikibazo cy'amikoro adahagije kandi na yo akaba ashingiye ku nkunga n'impano ndetse n'imisanzu mikeya y'abanyamuryango, bikaba bidatanga icyizere cy'imibereho yayo mu gihe kizaza.

Ibikubiye muri ubu bushakashatsi, RGB yatangiye kubisangiza inzego zitandukanye bireba n'abafatanyabikorwa mu guteza imbere Urwego rw'Itangazamakuru kugira ngo hashyirwe mu bikorwa ingamba zagaragajwe n'ubushakashatsi zo guhangana n'imbogamizi n'ibibazo bwagaragaje.

### 1.7.2.3. KWIZIHIZA UMUNSI NYAFURIKA W'ITANGAZAMAKURU

U Rwanda rwizihije Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru mu birori byabaye ku wa 7 Ugushyingo, 2022. Mu kwizihiza uyu munsi, hakozwe ikiganiro cyatambutse kuri Televiziyo cyahuje abanyamakuru n'inzego zitandukanye zifite uruhare mu iterambere ry'itangazamakuru. Ikiganiro cyibanze ku ruhare rw'itangazamakuru mu guha umuturage amakuru amufasha gufata ibyemezo ku ruhare rwe mu bimukorerwa muri ibi bihe isi yihuta mu ikoranabuhanga (The role of the media in promoting informed citizen participation in the digital era in Africa).

Abatanze ubutumwa muri iki kiganiro basabye abanyamakuru bo mu Rwanda kubanza gusesengura ingaruka ibyo bagiye gutangaza byagira ku Muryango Nyarwanda. Bashimangiye ko abanyamakuru bo ku mugabane wa Africa bagomba kuzirikana gusesengura ibintu runaka babihuza n'ubuzima bwo muri Africa cyangwa n'igihugu byakorewemo kurusha kubihuza n'amahame yitwa mpuzamahanga ahuriza hamwe ibintu byose hatitawe ku mwihariko w'aho byabereye.




*Abitabiriye ikiganiro kijyanye no kwizihiza Umunsi Nyafurika w'itangazamakuru, ku wa 7 Ugushyingo 2022*

Muri ibi biganiro hagaragajwe ko n'ubwo ikoranabuhanga rifasha cyane mu isakazamakuru, rinaha urubuga abagamije gukwirakwiza amakuru y'ibihuha n'ibinyoma ashobora kuyobya abantu. Imwe mu myanzuro yavuye muri ibi biganiro ni uko hakenewe ingamba zo kongerera ubushobozi abaturage bwo gusesengura amakuru no gutandukanya ukuri n'ibinyoma, bikajyana no kuzamura ubunyamwuga bw'abanyamakuru ku buryo birinda gutangaza no gusakaza ibinyoma.

## 1.7.2.4. UBUKANGURAMBAGA KU ITEGEKO RYEREKEYE KUBONA AMAKURU

RGB yakoze ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru mu ntara zose ndetse no mu Mujyi wa Kigali. Abayobozi mu nzego z'ibanze bahawe ibisobanuro ku itegeko ryerekeye kubona amakuru kugira ngo basobanukirwe ibyo basabwa kubahiriza mu rwego rwo gutanga amakuru. Bagaragarijwe ko gutanga amakuru bifasha abaturage gufata ibyemezo ndetse no kugira uruhare mu bibakorerwa.




*Ikiganiro ku itegeko ryo kubona amakuru cyatanzwe mu mwiherero w'abayobozi bo mu Ntara y'Iburasirazuba, ku wa 4 Werurwe 2023*

## 1.7.2.5. IBIGANIRO KU ITERAMBERE RY'ITANGAZAMAKURU

RGB yakoze ibiganiro bitandukanye n'abafatanyabikorwa mu itangazamakuru byitabiriwe n'abahagarariye inzego za Leta zifite itangazamakuru mu nshingano zazo, amashyirahamwe y'abanyamakuru ndetse n'abaterankunga. Ibi biganiro byari bigamije kungurana ibitekerezo no kurebera hamwe aho iterambere ry'itangazamakuru rigeze, imbogamizi zigaragaramo n'ingamba zikwiye gufatwa. Mu by'ingenzi byaganiriweho harimo Politiki y'Itangazamakuru, ishyirwaho rya "Media Technical Working Group" ndetse n'uburyo bwo kunoza amahugurwa atangwa kugira ngo arusheho gufasha itangazamakuru gukora kinyamwuga.




*Abitabiriye ibiganiro ku iterambere ry'itangazamakuru*

# 1.8. IBIGANIRO KU MIYOBORERE

RGB yagiranye ibiganiro n'abafatanyabikorwa bo mu byiciro binyuranye, birimo: inzego za Leta, imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere n'amatsinda aturutse hanze y'u Rwanda RGB yakiriye mu bihe bitandukanye. Ibi biganiro byibanze ku miyoborere, imitangire ya serivisi, uburyo bwo kwishakamo ibisubizo, imikorere n'iterambere by'itangazamakuru, imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere.

## 1.8.1. AMATSINDA ATURUTSE HANZE Y'U RWANDA RGB YAKIRIYE

Buri mwaka, RGB yakira amatsinda y'abashyitsi bakorera ingendoshuri mu Rwanda baje kureba aho u Rwanda rugeze mu iterambere n'imiyoborere. Mu mwaka wa 2022-2023, RGB yakiriye mu bihe bitandukanye amatsinda 26 aturutse mu bihugu bikurikira: USA, Zimbabwe, Uganda, Burundi, Burkina Faso, Gambia, Mozambique, South Sudan, Guinea Conakry, Namibia, Kenya, Zambia, Lesotho, Mali na Tanzania.



*Umukuru wa RGB yakira abapolisi biga mu ishuri rikuru rya Polisi y' u Rwanda, ku wa 20 Werurwe 2023*



*Umukuru wa RGB yakira itsinda ry'abadepite bo mu gihugu cya Uganda, ku wa 16 Gashyantare 2023*



*Umukuru wa RGB yakira intumwa z'idini rya Orthodox, ku wa 19 Ukwakira 2022*

Ibiganiro RGB yagiranye n'aya matsinda byibanze kuri ibi bikurikira: Ishusho y'imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu Rwanda, uruhare rw'imitangire ya serivisi mu mibereho myiza n'iterambere, imiyoborere y'inzego z'ibanze mu Rwanda, imikorere y'imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere no kuri politiki yo kwishakamo ibisubizo.

## 1.8.2. IBIGANIRO RGB YATANZE MU BAFATANYABIKORWA BATANDUKANYE

RGB yatanze ibiganiro ku nzego n'ibyiciro bikurikira: Abahagarariye ibihugu n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda, Ishuri Rikuru rya Polisi, JADF y'Akarere ka Bugesera na Nyanza n'Ihuriro ry'Abanyarwandakazi Bakora Umwuga w'Itangazamakuru. Mu biganiro RGB yatanze harimo n'ibyagejejwe ku bantu bari bitabiriye inama n'amahuriro harimo: Umwiherero wateguwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Inama ya "Raisina Dialogue" (New Delhi, India), Inama ya "Kigali Global Dialogue", Itorero Inkomezamihigo 2022, amahugurwa y'abayobozi b'inzego z'Ihuriro ry'Abayisilamu (RMC) ku rwego rw'intara n'Umujyi wa Kigali.

Ibi biganiro RGB yatanze byibanze ku ngingo zitandukanye zirimo: Imiyoborere myiza n'uburyo bwo kwishakamo ibisubizo, uruhare rw'ubuyobozi bureba kure mu gushishikariza abaturage kwikemurira ibibazo, kwimakaza amahoro n'iterambere mu gihugu kivuye mu ntambara, uko u Rwanda rwinjije mu igenamigambi ryarwo intego z'iterambere rirambye, uko u Rwanda rwiyubatse nyuma ya Jenoside Yakorewe Abatutsi, kurwanya ruswa n'akarengane, imitangire ya serivisi n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

# 1.9. UBUYOBOZI N'IMIRIMO RUSANGE

Mu birebana n'ubuyobozi n'imirimo rusange, hari hateganyijwe ibikorwa bitandukanye bigamije kubaka ubushobozi bw'Urwego kugira ngo rubashe gusohoza neza inshingano zarwo. Muri ibyo, harimo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko by'umwaka wa 2022-2023 no gutegura iby'umwaka wa 2023-2024, gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa bya RGB n'iby'abafatanyabikorwa.

## 1.9.1. ISHYIRWA MU BIKORWA RYA GAHUNDA Y'IBIKORWA, INGENGO Y'IMARI N'AMASOKO


Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023, RGB yari yateganyije ibikorwa 52. Muri byo 50 bihwanye na 96% byarakozwe birarangira. Ibikorwa bibiri ni byo bitakozwe muri uyu mwaka ari byo: Gukora ubushakashatsi kuri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato (Early Childhood Development-ECD Scorecard 3rd Edition) bivuye ku busabe bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) cyifuje ko habanza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry' ibyifuzo nama byavuye muri "ECD Scorecard" ya kabiri. Ubu bushakashatsi bwimuriwe mu mwaka wa 2023-2024. Ikindi gikorwa kitakozwe ni icyo gutegura icyiciro cya kane cy'Itorero Impamyabigwi kuko cyaburiwe ingengo y'imari.

Ku bijyanye n'ingengo y'imari, RGB yari yagenewe amafaranga y'u Rwanda 3,027,286,357 arimo 1,886,944,508 yaturutse mu ngengo y'imari ya Leta ndetse na 1,140,341,849 yatanzwe n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga ishyigikira gahunda z'imiyoborere. Muri rusange ingengo y'imari yakoreshejwe ku kigero cya 97.35% aho ingengo y'imari itangwa na Leta yakoreshejwe ku kigero cya 97.82% naho iy'imishinga ikoreshwa ku kigero cya 96.57%.

**Imbonerahamwe ya 31: Ingengo y'imari yakoreshejwe**

| Aho ingengo y'imari yaturutse | Ingengo y'imari RGB yahawe (Frw) | Ingengo y'imari yakoreshejwe | | Ingengo y'imari itarakoreshejwe | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Umubare (Frw) | Ijanisha | Umubare (Frw) | Ijanisha |
| Deepening Democracy and Accountable Governance (DDAG) project | 465,209,273 | 497,310,386 | 96.72% | 15,332,685 | 3.28% |
| Strengthening CSOs for Responsive and Accountable Governance project | 675,132,576 | 651,268,216 | 96.47% | 23,864,360 | 3.53% |
| **Igiteranyo** | **1,140,341,849** | **1,101,237,666** | **96.57%** | **39,104,183** | **3.43%** |
| Ingengo y'imari yatanzwe na Leta | 1,886,944,508 | 1,845,835,661 | 97.82% | 41,108,847 | 2.18% |
| **Igiteranyo** | **3,027,286,35** | **2,947,073,327** | **97.35%** | **80,213,030** | **2.65%** |

**Ishusho ya 8: Imikoreshereze y'ingengo y'imari**




Ku birebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasoko, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023, RGB yari yateganyije gutanga amasoko 31. Amasoko yatanzwe akarangira ni 29 (93.35%). Amasoko abiri atarakozwe harimo irya *hand sanitizer* ryagaragaye ko ritagikenewe ndetse n'iry'ubwishingizi bw'imodoka ryaseshwe kuko amafaranga yashyizwe kuri iri soko mu gihe cyo gutegura igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko yabaye make kuyo ba rwiyemezamirimo baciye.

## 1.9.2. GUKURIKIRANA ISHYIRWA MU BIKORWA RY'INGAMBA ZO KWIMAKAZA IHAME RY'UBURINGANIRE MURI GAHUNDA N'IBIKORWA BYA RGB N'IBY'ABAFATANYABIKORWA

Mu mwaka wa 2022-2023, ibikorwa byo guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore byibanze ku gushimangira iri hame binyuze mu bushakashatsi n'amasuzuma bikorwa na RGB ndetse no muri gahunda n'ibikorwa byayo n'iby'abafatanyabikorwa.

Muri urwo rwego, ibipimo birebana n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye byinjijwe mu bibazo byakoreshejwe mu bushakashatsi bwakozwe na RGB. By'umwihariko, ubushakashatsi ku miyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zegerejwe abaturage (CRC), bwakorewe ku bantu 10,090, muri bo 5,511 (54.6%) bari abagore 4,579 (45.4%) bari abagabo. Mu byibanzweho harimo ibibazo bibangamira uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda birimo: ihohotera rishingiye ku gitsina, amakimbirane mu miryango, inda ziterwa abangavu, abana b'inzererezi, gucana inyuma no gutandukana kw'abashakanye.

Ihame ry'uburinganire kandi ryitaweho mu bikorwa byo kubaka ubushobozi bw'imiryango nyarwanda itari iya Leta. Ibi byagaragariye mu gutoranya imiryango yagombaga guhabwa inkunga yo gushyira mu bikorwa imishinga yayo. Imiryango 54 yagaragaje ko mu bagenerwabikorwa bayo 25,407 harimo abagore 15,532 n'abagabo 9,875. Ku bijyanye n'amahugurwa yahawe abahagarariye imiryango itari iya Leta, abayitabiriye bose bari 73 barimo abagore 28 n'abagabo 45.

Ibikorwa byo guteza imbere itangazamakuru na byo byita ku ihame ry'uburinganire kuko mu bihembo ngarukamwaka byagenewe abanyamakuru b'indashyikirwa (DJA) harimo ibyihariye byagenewe abakoze inkuru ziteza imbere ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore. Harimo kandi igihembo cyihariye cyagenewe umunyamakuru w'umugore wahize abandi.

## 1.9.3. IBINDI BYAKOZWE

### 1.9.3.1 UBUGENZUZI BW'IMARI YA LETA Y'UMWAKA WA 2021-2022

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yakoze ubugenzuzi bw'imikoreshereze y'ingengo y'imari RGB yahawe mu mwaka wa 2021-2022. Ibyavuye muri ubu bugenzuzi byerekana ko RGB yabonye raporo ntamakemwa (unqualified audit opinion) ku mikoreshereze y'ingengo y'imari itangwa na Leta n'iy'imishinga, haba mu mitegurire ya raporo z'imari (financial statements audit), iyubahirizwa ry'amategeko (compliance audit) ndetse no kudasesagura umutungo wa Leta (value for money audit). Iyi raporo igaragaza kandi ko RGB yashyize mu bikorwa ku gipimo cy'ijana ku ijana (100%) inama yari yagiriwe mu bugenzuzi bwa 2020-2021.

### 1.9.3.2 KONGERERA UBUSHOBOZI URWEGO N'ABAKOZI BARWO

Mu rwego rwo gukomeza gushyira mu bikorwa gahunda y'imyaka 5 yo kubaka ubushobozi bw'Urwego, abakozi ba RGB bitabiriye amahugurwa atandukanye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 32: Amahugurwa yahawe abakozi ba RGB**

| No | Amahugurwa | Umubare w'abahuguwe |
|---|---|---|
| 1. | Itegeko n'amabwiriza bigenga imitangire y'amasoko ya Leta | 7 |
| 2. | Kurwanya no gukumira ibyaha by'iyezandonke n'ibyo gutera inkunga iterabwoba mu miryango itari iya Leta | 3 |
| 3. | Imicungire y'umutungo wa Leta no kubazwa inshingano | 2 |
| 4. | Ikoreshwa ry'uburyo bushya bw'ikoranabuhanga mu micungire y'abakozi | 1 |
| 5. | Ikoreshwa ry'uburyo bushya bw'ikoranabuhanga mu gutegura no gusuzuma imihigo y'abakozi | 3 |

### 1.9.3.3 KWIBUKA KU NSHURO YA 29 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

RGB yateguye ibiganiro byo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ibi biganiro byahawe abakozi ba RGB bagaragarizwa uko Jenoside yateguwe ikanashyirwa mu bikorwa, uruhare imiyoborere mibi yabigizemo, n'aho Igihugu kigeze cyiyubaka kibikesha imiyobirere myiza.

Ku bufatanye n'imiryango itari iya Leta, abakozi n'abayobozi ba RGB basuye urwibutso rwa Jenoside rwa Ntarama mu Karere ka Bugesera, banaganira ku ruhare rwa sosiyete sivile mu gukumira no kurwanya ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Muri icyo gikorwa, hatanzwe inkunga y'amafaranga y' u Rwanda 7,000,000 yo gufasha abagenerwabikorwa ba "GAERG Aheza Healing Center".



*Umukuru wa RGB ashyira indabo ku mva rusange ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Ntarama, ku wa 23 Kamena,2023*




*Umukuru wa RGB n'abafatanyabikorwa b'Urwego bashyikiriza inkunga GAERG Aheza Healing Center, ku wa 23 Kamena,2023*

2



IGICE CYA KABIRI

# IBIKWIYE KWITABWAHO KU BURYO BW'UMWIHARIKO


Hashingiwe ku byavuye mu bushakashatsi, isesengura ndetse n'igenzura byakozwe na RGB, ibibazo bikwiye kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko ni ibi bikurikira:

## 2.1. ICYICIRO CY'UBUHINZI


Serivisi zitangwa mu buhinzi ziracyashimwa ku kigero cyo hasi kuko muri CRC ya 2022 cyari kuri 61.1% naho muri CRC ya 2023 kiri kuri 63.2%.



Ikarita 2: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe uturere




Ishusho ya 9: Zimwe mu nzitizi abaturage bagaragaje bahura nazo mu buhinzi





Aho byavuye: CRC ya 2023

# 2.2. IBIKORWAREMEZO

Serivisi z'ibikorwaremezo zishimwa ku gipimo cya 71% muri CRC ya 2023 kivuye kuri 65.1% muri CRC ya 2022.




**Ikarita ya 3: Uko abaturage bashima serivisi z'ibikorwaremezo hakurikijwe uturere**




Muri serivisi z'ibikorwaremezo, hagaragajwe inzitizi zitandukanye nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira:

**Ishusho ya 10: Zimwe mu nzitizi abaturage bagaragaje mu bikorwaremezo**




Aho byavuye: CRC ya 2023


# 2.3. IMITANGIRE YA SERIVISI Z'UBUTAKA N'IMITURIRE

Abaturage bazi serivisi z'ubutaka n'imiturire bazishima ku kigero cya 60.4% kivuye kuri 60.5% muri CRC ya 2022, kikaba ari cyo cyiciro gishimwa ku kigero cyo hasi.






### Ikarita ya 4: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutaka n'imiturire hakurikijwe uturere




Muri serivisi z'ubutaka n'imiturire, hagaragajwe inzitizi zitandukanye nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira:

### Ishusho ya 11: Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka n'imiturire




Aho byavuye: CRC ya 2023

# 2.4. IBIKWIYE KWITABWAHO BYAGARAGAJWE NA RGS YA 10



### Imbonerahamwe ya 33: Ibikwiye kwitabwaho byagaragajwe na RGS ya 10

| Ibikwiye kwitabwaho | Inzego bireba |
|---|---|
| Kubahiriza ingamba za Leta zo kwegereza inzego z'ibanze ubushobozi bw'amafaranga (Central government transfer to the decentralised entities – block grant). | MINECOFIN |
| Kurushaho kunoza imikorere y'imiyoboro ya murandasi n'itumanaho rya telefone zigendanwa hagamijwe kunoza serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga. | MINICT |

## 2.5. IBIKWIYE KWITABWAHO BYAGARAGAJWE N'ISUZUMA KU MIKORERE N'IMIKORANIRE HAGATI Y'INZEGO

Isuzuma RGB yakoze ku mikorere n'imikoranire hagati y'inzego rigaragaza ibikwiye kwitabwaho bikurikira:


# ASSESSMENT **OF COORDINATION** & **COLLABORATION** AMONG INSTITUTIONS

### Imbonerahamwe ya 34: Ibikwiye kwitabwaho byagaragajwe n'isuzuma ku mikorere n'imikoranire hagati y'inzego

| Ibikwiye kwitabwaho | Inzego bireba |
|---|---|
| Kurushaho kunoza ihuzabikorwa, ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa by'inzego za Leta hagamijwe kongera umusaruro wa politiki na gahunda za Leta. | GACU-PRIMATURE |
| Kurushaho gukurikirana amahuriro yashyiriweho kunoza imikorere n'imikoranire hagati y'inzego za Leta n'abafatanyabikorwa (Cluster Working Groups, Sector working groups, Development Partners' Coordination Group). | MINECOFIN |
| Kurushaho gukurikirana imikorere ya Gahunda y'Ingo Mbonezamikurire y'Abana bato (ECD) ku rwego rw'igihugu n'uturere hagamijwe kunoza imikorere yazo. | MIGEPROF, NCDA, Uturere |

# 2.6. IBIKWIYE KWITABWAHO MU MIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA N'IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE

Ubushakashatsi bwa RCSB 2023 n'igenzura ryakozwe ku mikorere y'Imiryango nyarwanda itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere bigaragaza ibikwiye kwitabwaho bikurikira: kunoza imiyoborere, iyubahirizwa ry'amategeko, gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano, imicungire y'abakozi n'umutungo no gushyiraho ingamba zo gukumira no kurwanya ibyaha by'iyezandonke, gutera inkunga ibikorwa by'iterabwoba n'iby'ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.



# 2.7. IBIKWIYE KWITABWAHO MU MITANGIRE YA SERIVISI Z'UBUVUZI

Igenzura ryakozwe na RGB ku mitangire ya serivisi z'ubuvuzi rigaragaza ibikwiye kwitabwaho bikurikira:




### Imbonerahamwe ya 35: Ibikwiye kwitabwaho mu mitangire ya serivisi z'ubuvuzi

| Ibikwiye kwitabwaho | Inzego bireba |
|---|---|
| Kunoza ishyirwa mu bikorwa ry'ibikubiye mu masezerano y'ubufatanye hagati ya Minisiteri y'Ubuzima na ba nyir'amavuriro afashwa na Leta ku bw'amasezerano. | MoH, Uturere |
| Ibigo by'ubwishingizi bw'ubuvuzi bisabwa kujya byishyurira ku gihe amavuriro yahaye serivisi abanyamuryango babyo. | RSSB, Ibigo byigenga bitanga serivisi z'ubwishingizi |

## 2.8. IBIKWIYE KWITABWAHO MU RWEGO RW'ITANGAZAMAKURU

Ibyavuye mu isesengura RGB yakoze ku mikoro n'imibereho y'ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru bigaragaza ibikwiye kwitabwaho bikurikira:



### Imbonerahamwe ya 36: Ibikwiye kwitabwaho mu rwego rw'itangazamakuru

| Ibikwiye kwitabwaho | Inzego bireba |
|---|---|
| Gushyiraho no gushyira mu bikorwa inyandiko (strategic plan, business plan, marketing strategy….) ziyobora ibitangazamakuru/ amashyirahamwe y'abanyamakuru mu igenamigambi ry'ibikorwa, imicungire y'umutungo n'abakozi hagamijwe kubaka ubushobozi no kugira icyerekezo gihamye. | Ibitangazamakuru<br>Amashyirahamwe y'Abanyamakuru |
| Inzego zishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko agenga ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru zigomba gukora ubugenzuzi buhoraho hagamijwe kureba uko ibitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru byubahiriza amategeko. | RURA, RGB, RMC |
| Gukora ubugenzuzi mu bitangazamakuru n'amashyirahamwe y'abanyamakuru hagamijwe gushimangira iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza arengera uburenganzira bw'umukozi. | MIFOTRA, RGB |
| Gukora isesengura ryihariye ku biciro by'ubukode bw'iminara n'imicungire yayo n'ingaruka bigira ku mikoro n'imibereho y'ibitangazamakuru. | RURA |

# 3



## IGICE CYA GATAYU

# GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA WA 2023-2024

## 3. GAHUNDA Y'IBIKORWA Y'UMWAKA WA 2023-2024

Ibikorwa RGB izakora mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024 bikubiye mu byiciro bikurikira:

### 3.1. UBUSHAKASHATSI KU MIYOBORERE NO GUTEZA IMBERE UBURYO BWO KWISHAKAMO IBISUBIZO

Muri iki cyiciro hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Gukora ubushakashatsi ku gipimo cy'imiyoborere mu Rwanda (RGS ya 11);
- Gukora ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2024);
- Gukora ubushakashatsi kuri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato (Early Childhood Development-ECD Scorecard 3rd Edition);
- Gusesengura ibyegeranyo mpuzamahanga bivuga ku Rwanda;
- Gutanga uburenganzira bw'ibanze no gukurikirana ubushakashatsi bukorwa ku miyoborere no ku buryo bwo kwishakamo ibisubizo;
- Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi.

### 3.2. IMITANGIRE YA SERIVISI, KWIMAKAZA IMIYOBORE MYIZA NO GUHUZA IBIKORWA BY'IHURIRO RY'ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE (JADF)

Muri iki cyiciro, hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Kugenzura imitangire ya serivisi mu bigo 45 mu nzego za Leta, iz'abikorera n'iz'imiryango itari iya Leta;
- Gukora isesengura ryimbitse ku miyoborere n'imitangire ya serivisi mu rwego rwihariye;
- Gukora ubukangurambaga ku mitangire ya serivisi binyuze muri gahunda ya "Nk'uwikorera";
- Gukora ibiganiro n'inzego za Leta, iz'abikorera n'imiryango itari iya Leta bijyanye no kunoza imitangire ya serivisi;
- Gukurikirana uko inzego zishyira mu bikorwa ibipimo by'imitangire ya serivisi;
- Gutegura ibikorwa by'amarushanwa y' Umurenge Kagame Cup (UKC) no gutanga ibihembo;
- Gukora ubukangurambaga ku miyoborere, imitangire ya serivisi no kuzamura uruhare rw'abaturage binyuze muri gahunda "Imiyoborere Twifuza ";
- Guhuza ibikorwa bya gahunda yo kwigenzura no kwigiranaho (PR-PL);
- Kugirana ibiganiro n'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye, kaminuza n'amashuri makuru hagamijwe kwimakaza amahame y'imiyoborere;
- Gutegura inama ziteganywa n'amabwiriza y'Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF);
- Kumenyekanisha ibipimo by'imitangire ya serivisi;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo by'imitangire ya serivisi mu nzego 15.

## 3.3. KONGERERA UBUSHOBOZI IMITWE YA POLITIKI, IMIRYANGO ISHINGIYE KU MYEMERERE N'IMIRYANGO ITARI IYA LETA

Muri iki cyiciro, hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Kwandika imiryango mvamahanga itari iya Leta, imiryango nyarwanda itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki yujuje ibyangombwa bisabwa;
- Kumenyekanisha ikoranabuhanga "e-Imiryango"ryo kwandika imiryango itari iya Leta; imiryango ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki;
- Kugenzura imikorere n'iyubahirizwa ry'amategeko mu miryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere, fondasiyo n'imitwe ya politiki;
- Ibiganiro n' imiryango itari iya Leta, imiryango ishingiye ku myemerere n'imitwe ya politiki ku bijyanye n'imiyoborere, imitangire ya serivisi n'iyubahirizwa ry'amategeko;
- Kongerera ubushobozi imitwe ya politiki;
- Kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere;
- Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'iterambere rya sosiyete sivile (RCSB 2023)
- Gutanga amahugurwa ku miryango itari iya Leta no gukora gahunda yo kwigiranaho.

## 3.4. GUTEZA IMBERE ITANGAZAMAKURU

Muri iki cyiciro, hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Gukora ubushakashatsi ku gipimo cy'iterambere ry'itangazamakuru mu Rwanda (Rwanda Media Barometer - RMB 5th Edition);
- Kongerera ubushobozi amashyirahamwe y'abanyamakuru n'ibitangazamakuru;
- Guteza imbere ubunyamwuga mu itangazamakuru binyuze mu gutanga ibihembo ku banyamakuru n'ibitangazamakuru byabaye indashyikirwa ;
- Gukurikirana uko itangazamakuru ryubahiriza amategeko n'ibikubiye muri politiki y'itangazamakuru;
- Gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo ku bunyamwuga n'iterambere ry'itangazamakuru;
- Gutegura Umunsi Nyafurika w'Itangazamakuru;
- Ubukangurambaga ku itegeko ryerekeye kubona amakuru.

## 3.5. UBUYOBOZI N'IMIRIMO RUSANGE NO KUBAKA UBUSHOBOZI BW'URWEGO

Muri iki cyiciro, hateganyijwe ibikorwa bikurikira:

- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, ingengo y'imari n'amasoko by'umwaka wa 2023-2024;
- Gutegura gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari bya 2024-2025;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwimakaza ihame ry'uburinganire muri gahunda n'ibikorwa byose bya RGB no mu by'abafatanyabikorwa;
- Gutegura raporo ya RGB y'ibikorwa y'umwaka wa 2023-2024.

## 3.6. INGENGO Y'IMARI YA RGB YA 2023-2024

Mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024, RGB iteganya gukoresha ingengo y'imari ingana n'amafaranga y' u Rwanda 3,404,582,645 nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 37: Ingengo y'imari ya RGB 2023-2024**

| No | Ingengo y'imari ya RGB ya 2023/2024 | |
|---|---|---|
| **I** | **Ingengo y'Imari itangwa na Leta** | **1,904,582,645** |
| 1 | Ubuyobozi n'imirimo rusange | 1,421,363,881 |
| 2 | Ubushakashatsi ku miyoborere n'uburyo bw'umwimerere Nyarwanda bwo kwishakamo ibisubizo | 222,920,455 |
| 4 | Imitangire ya serivisi, Imiyoborere myiza na JADF | 89,500,000 |
| 5 | Guteza imbere Imitwe ya politiki, imiryango itari iya Leta n'sihingiye ku myemerere | 144,298,309 |
| 6 | Guteza imbere urwego rw'itangazamakuru | 26,500,000 |
| **II** | **Imishinga** | **1,500,000,000** |
| 1 | DDAG Project | 600,000,000 |
| 2 | CSOs Project | 900,000,000 |
| **IGITERANYO** | | **3,404,582,645** |

4



# IGICE CYA KANE

# IMIGEREKA

# IMIGEREKA

1. Rwanda Governance Scorecard 10th Edition
2. Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC 2023)
3. Rwanda Civil Society Barometer 2023
4. Assessment of Coordination and Collaboration among Institutions, 2023
5. Assessment of the Financial Sustainability of Media Houses and Media Associations, 2023
6. Governance and service delivery monitoring report, health sector 2022-2023

Rwanda Governance Board

# URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

## RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2022-2023

## GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 2023-2024



RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA

# 2022-2023

GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA

# 2023-2024